KUGIRWA UMWANA [1]

. . .ndumva nguwe neza kubyumva, ibyo ni byiza. Niko bimeze, buri gihe, nk'uko nabivuze mbere nti: "Narishimye cyane ubwo bambwiraga bati: 'Reka tujye mu nzu y'Uwiteka.'" Nizera ko Dawidi yakoresheje ayo magambo inshuro imwe, "Reka tujye mu nzu y'Uwiteka." Sinzi ahandi hantu heza ho kuba, kuruta mu nzu y'Uwiteka, Siko bimeze.

2 Noneho, iri joro, twakiriye hano inshuti ziturutse kure cyane muri Georgia. Birashoboka ko baza kumanuka nyuma—nyuma y'ifunguro rya saa sita. Hanyuma tuza. . .Bamwe muri bo baturutse kure cyane, ndizera ko muzaguma hano. Kandi ibyumba dufite biraba bikinguye kubwanyu.

3 Hanyuma, kuwa Gatatu nijoro tuzakomeza, ku nyigisho, hanyuma, Uwiteka nabishaka, tuzasubira ku Cyumweru gitaha.

4 Hanyuma Shotoka izatangira ku itariki ya gatandatu. Rero ibyo mwateguye byose mu biruhuko byanyu, twiteze ibihe byiza, ibihe bihebuje kuri Shotoka. Aho ni ho duhora tugirira ibihe byiza cyane. Ntabwo ari abantu benshi cyane, rimwe na rimwe twiruka. . .Bizatwara hafi. . .Ndatekereza ko twashyiramo ibihumbi icumi, biroroshye. Ariko mu bisanzwe, umwaka wa nyuma ngirango twari dufite ibihumbi birindwi, ikintu nk'icyo. Hari ahantu huzuye abantu besnhi, ariko hari hari umwanya uhagije wo guhagararamo. N'intebe bashobora gukwirakwiza ahantu hose. Bityo rero turabyiteguye.

5 Kandi nishimiye kubona bene Data benshi b'abakozi muri iki gihe. Sinshobora kwibuka izina rye hano, umumisiyoneri, Mwene Data Humes na Mushiki wacu Humes, ni mwebwe mwicaye hano, kandi n'abandi bacye, twishimiye kubana namwe, abamisiyoneri. Abandi, hari Mwene Data Pat, Mwene Data Moston, na, yewe, benshi cyane, na Mwene Data Beeler. Kandi nabonye Mwene Data Collins mu kanya gato gashize. Kandi, yewe, byaba bigoye cyane kubavuga mu mazina bose. Ariko twishimiye cyane kubabona mu nzu y'Umwami iri joro. Uyu mwene Data w'igiciro cyinshi wicaye inyuma yanjye hano kugira ngo usengane nanjye mu gihe tugiye kwigisha Ijambo. Charlie, nishimiye kukubona muri iri joro hamwe na mushiki wacu Nellie, abana bato. Ibi ni. . .kandi inyigisho za Bibiliya akenshi ni ikintu gikomeye. . . Yego, Mwene Data Welch, nari. . . nari ndimo kugushaka, ndakubona wicaye inyuma ahongaho ubu.

6 Inyigisho za Bibiliya akenshi ziba zirimo koroshya, gato, murabizi, ni nko gutembera mu rubura rucye, reka abe ari ko tubyita. Ariko twumva ko wenda, kuri iki gitekerezo no muri iki gihe, bishobora kuba byiza kuzana i—itorero ku cyo ntekereza,

ku i—imyumvire yuzuye, bitanga igihagararo, ku byo turimo muri Kristo Yesu. Kandi rimwe na rimwe nibaza ko ari ikintu cyiza, ariko ndizera ko rimwe na rimwe, Mwene Data Beeler, yigisha inyigisho zirenze izo, mu buryo bwiza . . . cyane cyane ku itorero.

Ubu, kubwiriza bikunze gufata umunyabyaha, bikamujyana mu gucirwaho iteka n'Ijambo. Ariko kwigisha bishyira umuntu mu mwanya we icyo yaba ari cyo cyose. Kandi ntabwo dushobora kwizera mu buryo bukwiye tutaramenya icyo turi cyo mu mwanya wacu.

7 Noneho, niba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, muri iki gihugu cyiza, kinyohereje mu Burusiya, nk'intumwa y'iki gihugu, mu Burusiya, hanyuma niba baranyohereje ku mugaragaro mu Burusiya, ububasha bwose Leta Zunze Ubumwe za Amerika zifite buri inyuma yanjye. Ijambo ryanjye ni kimwe n'iryo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika iyo nemejwe nk'ambasaderi.

8 Hanyuma niba Imana yaratwohereje kuba intumwa Zayo, imbaraga zose ziri mu Ijuru, icyo Imana iri cyo cyose, Abamalayika Bayo bose n'imbaraga Zayo zose biri inyuma y'amagambo yacu niba turi abashyizweho mu buryo bukwiye, yohereje intumwa ku bantu. Imana igomba kubaha Ijambo, kuko Yanditse mu buryo bweruye ngo: "Ibyo muzahambira kw'isi byose, nzabihambira no mw'Ijuru. Ibyo muzabohora ku isi, nzabibohora no mw'Ijuru. Kandi mbahaye imfunguzo z'Ubwami." Yoo, ayo amasezerano akomeye yahawe Itorero!

9 Kandi ndi, nyuma ya wa munsi . . . Benshi muri mwe, ndakeka, ko muri hano muri iki gitondo kubwo kumva nk'uko nagerageje, mu buryo bwanjye bworoshye, kandi buciye bugufi, gusobanura i—iyerekwa nabonye ryo mu Ijuru.

10 Sinshobora na rimwe kugerageza gushidikanya ku kintu icyo ari cyo cyose umuntu yambwira ko Imana yamubwiye. Nabyemera n'ubwo ntabibona mu Byanditswe Byera, nakomeza gushaka kwizera ijambo ry'uwo mwene Data. Njye—njyewe nshobora kugumana neza na Bibiliya, ariko nanone nakwizera ko wenda umuvandimwe yabyumvise nabi mu buryo runaka, ko ashobora kuba yarabivanze gato. Kandi nakomeza kwizera ko we—ari mwene Data.

11 Kandi niba hari ikintu gitwika mu mutima wanjye, nizeye ko kitazigera kivaho mu myaka yanjye iri imbere, ko ntazigera nibagirwa ibyabaye ku Cyumweru gishize mu gitondo, nk'icyumweru. Byankoreye ikintu cyahinduye ubuzima bwanjye. Nta—nta bwoba mfite. Nta—nta bwoba na buke bw'urupfu mfite. Urupfu nta bwoba runteye na gato. Kandi namwe nta—nta bwoba rwabatera niba mwarabisobanukiwe neza. Noneho, birashoboka niba . . . Mugomba kugira uburambe mu kubimenya, kuko nta buryo bwo kubisobanura buhari.

Ntimwabona amagambo, kuko bitari mu nkoranyamagambo y'Icyongereza, cyangwa mu yindi nkoranyamagambo, kuko biri mu bihe by'Iteka ryose; nta ejo, nta ejo hazaza, byose ni mu gihe cya none. Kandi ntabwo ari "Numva meze neza cyane," nyuma y'isaha imwe, "Numva ntameze neza cyane," nyuma y'indi saha, "nkumva nongeye kumera neza." Ni indagihe igihe cyose. Murabona? Nta na rimwe bihagarara, ni amahoro meza gusa, ikintu runaka.

12 Kandi nta cyaha gishobora kubaho, nta n'ishyari rishobora kubaho, hariya rero nta ndwara yashoboraga kubaho, nta—nta kintu na kimwe cyashoboraga kugera kuri iyo nkombe yo mu Ijuru. Niba kandi nshobora kugira amahirwe yo kuvuga ibi, ibyo, wenda ntayo nagira. Niba ntayo, noneho ndasenga Mana ngo umbabarire. Ariko niba mfite amahirwe, Imana inyemereye kuzamurwa ngo ndebe ikintu runaka, nahera ku Ijuru rya mbere. Hanyuma ndizera ko, umwe muri Bibiliya, witwaga Pawulo, yafatiwe mu Ijuru rya gatatu. None se niba byari bihebuje mu Ijuru rya mbere, iryo Juru rya gatatu ryari rihishe iki? Ntibitangaje kubona yarashoboraga kubivuga imyaka cumi n'ine! Yavuze ko atari azi niba ari mu mubiri cyangwa hanze y'umubiri. Hamwe n'iyo ntumwa ikomeye, atari ukugira ngo dusangire inshingano ze—ze—ze, cyangwa ngo tugerageze kwigira ikintu icyo ari cyo cyose nk'uko yari ameze, ariko nshobora kugira icyo mvuga, sinzi niba hari muri uyu mubiri cyangwa hanze y'umubiri. Ikintu kimwe gusa, byari ukuri nk'uko nanjye ndimo kubareba.

13 Kandi nahoraga nibaza niba nanyura ahongaho nkabona igicu gito kigenda, umwuka, maze mukavuga muti: "Genda mwene Data mushiki wanjye, uwo ni Charlie na Nellie. Abo ni Mwene Data na Mushiki wacu Goad bari bari aho." Ibyo byahoraga bintera urujijo. Niba amaso yanjye ari mu mva, ashaje, akanuye, niba amatwi yanjye atari hano ngo yongere yumve, kandi niba amaraso yanjye yose yarasubiye inyuma maze bakayasiga, kandi ari mu mazi cyangwa mu butaka, kandi ubushobozi bwanjye bwo mu mutwe, uturemangingo tw'ubwonko bwanjye twose twarashize, none se naba ndi iki uretse kuba umwuka uzenguruka hirya no hino? Kandi ibyo byarananizaga. Ni gute nzakunda kuvuga nti "Muraho, Mwene Data Pat, yoo, nishimiye kukubona! Muraho, Mwene Data Neville, mbega ukuntu nifuza kukubona!" Ariko naratekereje nti: "Noneho, niba ntafite icyo mbona, umunwa wose wo kuvuga, waraboze, ni umukungugu, Ni gute nashoboraga kuvuga nti: 'Uraho, Mwene Data Pat,' 'Uraho, Mwene Data Neville,' cyangwa n'abandi, 'Uraho, Charlie'?"

14 Ariko ubu nzi ko ibyo ari bibi. Kubera ko byanditswe mu Byanditswe, mvuga ko bidahuye, "Kuko iri hema ryo mu isi niriramuka risenyutse, dufite irindi ridutegereje," iyindi taberenakulo ifite amaso, amatwi, iminwa, ubushobozi bwo

gutekereza. “Niba uyu mubili wo mu isi ukuweho!” Ifite umubiri ushobora kumva, ushobora kuvuga.

15 Noneho ubu binjemo, muri aka kanya, ko Mose yari yarapfuye mu myaka magana inani agashyirwa mu mva itaramenyekana, kandi Elisha yari yaragiye mu Ijuru imyaka magana atanu mbere yaho, ariko ku musozi wo Guhindurirwaho basanze avugana na Yesu.

16 Nyuma y’uko Samweli amaze nibura imyaka itatu kugeza kuri itanu apfuye, maze umupfumu wo muri Endori akamuhamagara, nuko amwitegereza mu maso, maze aravuga ati: “Waranyobeye, kuko uri Sawuli, wowe ubwawe.” Aravuga ati: “Kubera ko mbonye imana!” Yari umupagani, murabona. “Ndabona imana zahagurutse.”

17 Kandi Sawuli yari ataramubona, maze aravuga ati: “Asa ate? Mumunsobanurire.”

Aravuga ati:“Ni muto cyane, kandi afite ikanzu ku rutugu rwe.”

18 Ati: “Uwo ni Samweli, umuhanuzi, mumuzane hano imbere yanjye.” Kandi ndashaka ko mumenya ko Samweli atari yaratakaje kamere ye na gato. Yari akiri umuhanuzi. Yabwiye Sawuli neza ibyari kuba ku munsi ukurikiyeho.

19 Rero, murabona, urupfu ntiruduca intege burundu mu gihe turira, tugasakuza kandi tukaborogera ku mva. Bihindura ubuturo bwacu gusa. Bituvana ahantu runaka bikatujyana . . . Imyaka ni iki? Nindamuka mbayeho isaha imwe y’inyongera, nzaramba kurusha abantu benshi bafite imyaka cumi n’itandatu, nzaramba kurusha abantu benshi bafite imyaka itanu. Imyaka ntacyo imaze. Dufite intego runaka, kugira ngo tugire icyo dukora.

20 Nibyo, noneho, benshi muri aba babyeyi bato bafite isura nziza bicaye hano, bamwe muri bo bafite imyaka mirongo itandatu cyangwa mirongo irindwi, baravuga bati: “Ni byiza, nakoze iki, mwene Data Branham?” Wareze abana bawe. Wakoze ibyo wagombaga gukora.

21 Wenda hari umupapa ushaje wicaye hano, akavuga ati: “Nahinze imirima, nakoze *ibi*. Sinigeze mbwiriza.” Ariko wakoze ibyo Imana yagutumye gukora. Uwo ni wo mwanya wawe.

22 Ejo navuganye n’umuganga ushaje, umwe mu nshuti zanjye z’abaganga, inshuti zanjye, ufite imyaka mirongo inani n’itanu. Muramu we ari hano mu rusengero iri joro, kandi yari akiri muto cyane amuhangayikishije. Nagiye kumureba. Nkivugana na we, yahise arushaho kugira akanyamuneza, yambwiye iby’urugendo rwo guhiga yakoreye mu myaka myinshi ishize muri Colorado, igihugu nahigagamo. Ni mwiza cyane kandi

arasobanutse! Ndavuga nti: “Muganga, umaze igihe kingana iki ukora imyitozo?”

23 Aravuga ati: “Igihe wari ukiri kw’ibere.” Nuko nca bugufi ndavuga ngo . . . “Kandi kenshi,” aravuga ati: “Nakoze imyitozo, ntwara imodoka yanjye n’igare, nshyira imifuka yanjye hejuru ku ifarashi yanjye. Nafashe agakapu gato maze ngenda n’amaguru.”

24 Ndavuga nti: “Yego, munsi y’inkombe z’umugezi, saa munani za mu gitondo, hamwe n’itoroshi yawe, ngerageza gushaka inzu irimo umwana muto ubabara mu nda cyangwa umubyeyi uri ku nda.”

“Ni ko bimeze.”

25 Ndavuga nti: “Urabizi, dogiteri, ndizera ko, hakurya y’uyu murongo utandukanya hano, hagati y’umubiri upfa n’udapfa, Imana ifite umwanya iha abaganga beza ba kera bakoze bene ako kageni.”

26 Amarira menshi yamuzengurutse mu maso maze atangira kurira, azamuye amaboko ye ananiwe maze aravuga ati: “Mwene Data, ndabyizeye.” Hirya no hino mu gihugu, Imana icira urubanza ubugingo bw’umuntu, icyo yaba cyo cyose.

27 Hanyuma muha iki Cyanditswe gishimishije. Incuro nyinshi, ngerageza gufasha abantu mpinga muri iriya mirima yuzuye ibyondo mu ijoro, wenda sinigere nyibonamo n’igiceri, ariko nta kibazo. Ndavuga nti: “Yesu yaravuze mu Byanditswe Byera ati: ‘Hahirwa abagwaneza, kuko ari bo bazagirirwa imbabazi.’” Kandi ibyo ni ukuri.

28 Kandi iri joro turashaka gutunganya itorero, muri aya masomo atatu, niba Imana ibyemeye, uko tugomba kureba n’icyo tugomba kureba, icyo turi cyo. Tugiye gutangirira mu gice cya 1 cy’Igitabo cya Pawulo mu Abefeso. Kandi tugiye gufata ibice bitatu bya mbere mu nyigisho zacu eshatu zikurikira, turageragiza gufata igice kimwe kuri buri mugoroba mugoroba, niba tubishoboye. Iri joro, kuwa Gatatu, no ku Cyumweru gitaha. Abefeso, igice cya 1. Ubu uko twigira hamwe, ndashaka kuvuga ibi, ko iki Gitabo cy’Abefeso gihuye neza na Yosuwa wo mu Isezerano rya Kera. Abefeso, Igitabo cy’Abefeso.

29 Noneho, nimwibuke ko niba dutandukiriye gato, ku nyigisho yawe, utubabarire kandi utwihanganire akanya gato. Mbere yuko tuhafungura, reka tuyisabe kudufasha, mu gihe twunamishije imitwe yacu.

30 Mwami, turimo kwegera Ibyanditswe byawe byera, kandi bifite umutekano uruta ijuru n’isi byose. Kubera ko dusomye muri iri Jambo, ryitwa Bibiliya, ngo: “Ijuru n’isi bizashira, ariko Ijambo ryanjye ntirizashira.” Hanyuma, kuri iyi saha ikomeye ubwo nza kuzamuka ku ruhimbi muri iri joro, mbere yo kwegera Amaraso Yawe, aba bantu b’agaciro bakundwa bicaye hano

muri iri joro, bafashe ku byiringiro byose bashoboye, kugira ngo bakomeze uwo Mucyo ugiye kuza. Reka bibe bihagije, muri iri joro, ku buryo buri mwizera wese aza kubona aho ahagaze, kandi umuntu wese utaragera muri ubu busabane bukomeye, azageragеze kwegera Ubwami, Mwami, maze akomange ku rugi kugeza igihe Umurinzi akinguriye urugi. Biduhe, Mwami.

31 Turimo gusoma hano aho iyi Bibiliya idasobanurwa mu buryo bwihariye. Mana, wirinde ko umugaragu wawe cyangwa undi mugaragu uwo ari we wese yagerageza gushyira ibisobanuro bye bwite ku Ijambo. Reka turisome kandi turyizere, mu buryo Ryanditswemo. Kandi cyane cyane twebwe abashumba b'imikumbi, twebwe abapasitori tuzateranira kure muri icyo gihugu cyiza hamwe n'imikumbi mito, kandi tuzahagarara imbere y'Umwami Yesu kandi tuzabona icyo gisekuru gitambuka, icya Pawulo, icya Petero, icya Luka, icya Mariko, icya Matayo, n'abandi bose, kandi tubabone bacirwa imanza ahongaho n'amatsinda yabo. Mana, mpa ubushobozi bwo gushyira ibikombe miliyoni icumi ku birenge byawe mu gihe nzamuka nciye bugufi nkarambura ibiganza byanjye ku birenge Byawe by'agaciro, nkavuga nti: "Mwami, ni Abawe."

32 Yoo Mana, nyuzuza Umwuka Wawe, n'urukundo Rwawe n'ibyiza Byawe. Kandi natwe, nk'uko umusizi yabigaragaje mu ndirimbo ye mu myaka myinshi ishize, "Umwana w'Intama watambwe, Amaraso Yawe y'agaciro ntazigera atakaza imbaraga zayo, kugeza igihe Itorero ryose ry'Imana ryacunguwe rizakizwa ntirizongere gukora icyaha ukundi. Kandi kuva icyo gihe, kubwo kwizera, nabonye iyo soko itemba iva mu bikomere Byawe; urukundo rucungura rwabaye insanganyamatsiko yanjye, kandi ruzaba yo kugeza igihe nzapfira. Noneho mu ndirimbo nziza, iryoshye," yagiye avuga iti: "Nzaririmba imbaraga Zawe zikiza; kugeza ubwo uru rurimi rwanjye rugobwe, rudidimanga ruzacecekera mu mva." Ubwo rero, imva ntabwo ifata urupfu urwo ari rwo rwose ku bana bawe. Ni ahantu ho kuruhukira gusa, cyangwa ubwihisho, aho uku kubora kuzahinduka kutabora.

33 Turagira ngo uyu mugoroba tubone ibi, Mwami, mu buryo bweruye, nk'uko tubihabwa mu Ijambo. Duhe gusobanukirwa. Kandi udushyire, Mwami, ku murimo wacu, kugira ngo dukorere mu budahemuka kugeza igihe Uzazira. Tubisabye mw'Izina rya Yesu, kandi kubw'ubushake Bwe. Amina.

34 Noneho, Igitabo cy'Abefeso, nk'uko nari kubivuga, Na . . . ku gitekerezo cyanjye, ni bimwe mu Bitabo bikomeye byo mu Isezerano Rishya. Bidusigira aho idini rya Kaluvinisimu rigarukira ku gice kimwe, n'irya Aruminiyanisimu rigarukira ku kindi gice, ariko Igitabo cy'Abefeso kirabihuza kandi gishyira Itorero mu mwanya waryo.

35 Noneho, nafatiye urugero kuri Yosuwa. Niba warabyiboneye,

Isirayeli yakuwe mu Misiri, kandi hariho intambwe eshatu z'urugendo rwabo. Intambwe ya mbere, yari ukuva mu Misiri. Intambwe ikurikiraho, yari ubutayu. Intambwe ikurikiraho, yari Kanani.

36 Noneho, Kanani ntabwo ihagarariye igihe cy'imyaka igihumbi. Ihagarariye gusa igihe cyo kunesha, guhabwa imbaraga zo kunesha, kuko muri Kanani bicaga bagatwika bagafata n'imijyi. Kandi ntihazabaho urupfu mu Kiruhuko cy'imyaka igihumbi.

37 Ariko ikindi kintu ikora, izana gutsindishirizwa no kwizera, nyuma yo kwizera Mose no kuva muri Egiputa. Kwezwa, gukurikira Inkingi y'Umuriro n'impongano y'ibitambo by'intama mu butayu. Hanyuma no kwinjira mu gihugu cyasezeranijwe.

38 Noneho, ni ikihe gihugu cyasezeranijwe abizera bo mu Isezerano Rishya? Isezerano ni Umwuka Wera. "Kubera ko bizabaho mu minsi y'imperuka," Yoweli 2: 28, "uko ni ko nzasuka Umwuka Wanjye kuri buri wese. Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura. Kandi ku baja banjye n'abagaragu banjye nzabasukaho umwuka wanjye, maze bazahanure. Nzerekana ibitangaza mu ijuru ryo hejuru. Ndetse no mu isi, inkingi z'umuriro, n'umwotsi, n'umwuka." Petero ati: ku munsi wa Pentekote, nyuma yo gufata inyandiko ye akabwiriza agira ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubone kubabarirwa," guhanagura, kubabarira, gukuraho ibyaha byose.

39 Ese mwabonye, Yosuwa, mbere yo kwambuka Yorodani, Yosuwa yaravuze ati: "Mujye munyura mu nkambi musukure imyenda yanyu kandi mwiyeze buri wese muri mwe, kandi ntihagire umuntu ubonana n'umugore we, mu minsi itatu muzabona icyubahiro cy'Imana." Murabona? Ni—ni inzira yo kwitegura kuragwa isezerano. Noneho, amasezerano kuri Isiraheli, yari, Imana yahaye Aburahamu isezerano ry'igihugu, cya Palesitine, kandi cyagombaga kuba umutungo wabo ibihe byose. Kandi buri gihe bagombaga kuguma muri iki gihugu.

40 Noneho, bageze mu byiciro bitatu, baza muri iki gihugu cy'isezerano. Noneho murebe, byashushanyijwe neza mu Isezerano Rishya.

41 Noneho ibi, nk'uko nabivuze, ntabwo nemeranya na bimwe mu bitekerezo byanyu. Bamwe muri mwe bo muri Nazarene, Itorero ry'Imana, n'ibindi nk'ibyo, Ntibibababaze, ahubwo mubirebere hafi kandi mwitegereze urugero. Nimwitegereze murebe niba ahantu hose hatunganye.

42 Hariho ibyiciro bitatu by'uru rugendo, kandi hari ibyiciro bitatu by'uru rugendo. Kubera ko, twatsindishirijwe no kwizera, mu kwizera Umwami Yesu Kristo, twaretse igihugu cya Egiputa, turasohoka. Hanyuma twezwa binyuze mu gutanga Amaraso

Ye, tukuhagirwa ibyaha byacu, tukaba abasuhuke n'abagenzi, tuvuga ko turimo gushakisha igihugu, umujyi uzaza, cyangwa se isezerano.

43 Uko ni ko Abisirayeli babigenje mu butayu, abanyamahanga, batagira aho baruhukira, bagenda ijoro ku rindi, bakurikiye Inkingi y'Umuriro, ariko amaherezo bagera mu gihugu cy'isezerano aho batuye.

44 Aho ni ho umwizera ajya. Atangira kumenya mbere ko ari umunyabyaha; hanyuma aritandukanya binyuze mu mazi, amazi yogejwe, n'Amaraso, na . . . cyangwa kwezeshwa amazi y'Ijambo, ahubwo, yizera Umwami Yesu Kristo. Noneho, kuba yaratsindishirijwe no kwizera, ahinduka umwizerwa, kandi agahabwa amahoro hamwe n'Imana, binyuze muri Kristo, kubatizwa mu Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo bamureke ajye mu rugendo. Murabyumva? Mu rugendo! Hanyuma aba umushyitsi n'umusuhuke. Ari mu rugendo rwe rumuganisha ku ki? Isezerano Imana yo yatanze.

45 Isiraheli yari itarabona isezerano, ariko bari bari mu rugendo rwabo. Kandi nta kuzamura . . . Ndabinginze mubyumve. Aho ni ho mbebwe, Abanazareni n'Abapiligirimu Holiness, n'abandi, mwaguye. Kuko, Isirayeli, ubwo bageraga aho hantu, i Kadeshi-Barineya, ubwo abatasi bambukaga bakavuga bati: "Igihugu ni cyiza cyane," ariko bamwe muri bo bagarutse bavuga bati: "Ntidushobora kugifata, kuko imijyi igoswe n'inkuta, n'ibindi." Ariko Yosuwa na Kalebu barahagurutse, maze baravuga bati: "Turashoboye cyane kucyigarurira!" Kubera amagambo yabo yari afite gihamya, bizeraga imirimo ibiri y'ubuntu, gutsindishirizwa no kwezwa, kandi ntibashoboraga kujya kure yabyo. Kandi, nimutege amatwi, icyo gisekuru cyose cyazimiriye mu butayu. Ariko babiri bagiye mu gihugu cy'isezerano bazana ibimenyetso by'uko ari igihugu cyiza, "kandi twari turengeje n'ubushobozi bwo kugifata, kuko ryari isezerano y'Imana." Hanyuma aho kugira ngo abantu bakomeze, bakire Umwuka Wera, bavuga mu ndimi, bakira imbaraga z'Imana, umubatizo w'Umwuka Wera, ibimenyetso, ibikomeye, ibitangaza, bumvaga ko byari gusenya umuco wabo w'inyigisho. None se byagenze bite? Bapfiriye mu gihugu! Ni byo.

46 Ariko abizera, Kalebu na Yoshuwa, bagendeye ku isezerano, Barakomeje bagera muri icyo gihugu, bafata icyo gihugu, maze batura muri icyo gihugu, nk'umutungo wabo. Kandi ntituzigera ducogora, kwezwa. Reka dukomeze ku mubatizo w'Umwuka Wera. Ntitugahagarike kwizera Umwami Yesu, tukabatizwa. Ntitugahagarike kuko yatuvanye mu buzima bw'ibyaha. Ariko ubu twageze mu mwanya, kubw'isezerano ry'Umwuka Wera. Kuko Petero yavuze, ku munsi wa Pentekote ati: "Kubera ko isezerano ari iryanyu, no ku bana banyu, kandi no ku bari kure, ndetse n'abo Umwami Imana yacu izahamagara."

47 Rero, Efeso hano idushyira mu mwanya nk'uko yagenje Yosuwa, mu mwanya. Murabona, Yosuwa, amaze kwambuka igihugu, agafata igihugu, yahise agabanya abantu icyo gihugu. "Efurayimu *hano*, Manase *hano,* n'uyu *hano*, Gadi *hano,* Benyamini *hano*." Yagabanyije igihugu.

48 Kandi murebe! Yoo,iIbi biradutwika imitima! Buri wese muri abo babyeyi b'Abaheburayo, wabyaye abo bana, yavuze ahantu nyiho, mu gihe cyo kubyara, aho bari gushyirwa mu gihugu cy'isezerano. Ni inyigo nziza cyane! Iyaba twashoboraga kuyisoma mu buryo burambuye, byatwara amasaha na masaha menshi cyane. Umunsi umwe niturangiza urusengero rwacu, ndashaka kuza tugafata ukwezi kumwe cyangwa abiri, tubyinjiremo neza. Nimurebe igihe bose, buri wese muri abo babyeyi, yahamagaraga ati: "Efurayimu," igihe yari ari ku bise, yamushyize aho ibirenge bye byari biri mu mavuta. Neza neza buri wese muri bo aho bari bari hose!

49 Na Yosuwa, ntiyari abizi, ahubwo ni kubwo guhumekerwa, kuyoborwa n'Umwuka Wera, nyuma yo kuba mu gihugu cyasezeranijwe, guha buri muntu isezerano rye, neza neza ibyo Umwuka Wera yasezeranyije binyuze mu kuvukira hariye inyuma.

50 Mbega ukuntu Imana yashyize bamwe mu itorero, mu gihe cy'ububabare bw'ibise! Yoo, rimwe na rimwe baba bakomerewe cyane. Iyo itorero riniha kubera gutotezwa n'isi, twizera Umwami Yesu, ko amasezerano y'Umwuka Wera ari ukuri kuri twe nk'uko byari bimeze kuri Pentekote, Mbega ukuntu baniha kandi bakarira mu gihe cy'ububabare bw'ibise! Ariko iyo bavutse, kandi bavukiye mu Bwami bw'Imana, icyo gihe Umwuka Wera yashyize mw'itorero, intumwa zimwe, abahanuzi, abigisha, abashumba, abavugabutumwa. Hanyuma Yinjizamo, kuvuga indimi, gusobanura indimi, ubumenyi, umudendezo, impano yo gukiza indwara, ubwoko bwose bw'ibitangaza.

51 Aho itorero rigeze. . . Noneho iyi ni yo ntego yanjye yo gukora ibi. Itorero rihora rigerageza gufata imfuruka y'undi muntu. Ariko ntimukabikore. Ntushobora guhinga ibigori mu mfuruka ya Efurayimu, niba uri Manase. Ugomba gufata umwanya wawe muri Kristo, ukawufata mu mwanya wawe. Yoo, birushaho kugira uburemere iyo twinjiye hano, ukuntu Imana ishyira umuntu mu itorero akavuga indimi, undi. . . Noneho, twigishijwe inshuro nyinshi ngo: "twese tugomba kuvuga mu ndimi." Ibyo ni bibi. "Twese tugomba kuririmba mu ndimi." Oya, ntabwo ari byo. Bose ntabwo bakoze ikintu kimwe. Buri wese yari. . .

52 Buri kintu, ubutaka bwaratanzwe kandi bugabanywa binyuze mu guhumekerwa. Kandi, buri wese, nashobora gufata Ibyanditswe nkabibereka neza, ko yazishyize ahantu zagombaga kuba, mu buryo bw'ibanga, uburyo imiryango ibiri yagombaga

kuguma hakurya y'uruzi, uburyo ba nyina bariraga igihe cy'ivuka ryabo, n'uburyo ahantu hose hagombaga kumera.

53 Noneho nyuma yo kubugeramo, ibyo ntibivuze ko urimo kwibohora mu ntambara. Ugomba gukomeza kurwana kuri buri santimetero y'ubutaka uhagazeho. Rero, murabona, Kanani ntiyahagarariye Ijuru rikomeye, kuko ari intambara n'ibibazo n'ubwicanyi n'imirwano, n'ibindi. Ariko byagaragazaga ibi, ko bigomba kuba ari urugendo rutunganye.

54 Aho ni ho itorero rinanirijwe uyu munsi, kuri urwo rugendo. Ese muzi ko n'imyitwarire yanyu ubwayo ishobora gutuma undi muntu adakira? Imyitwarire mibi yanyu, y'ibyaha mutihannye mwebwe abizera, ishobora gutuma iri torero ritsindwa bikomeye. Kandi ku munsi w'urubanza muzaba mufite inshingano kuri buri gace kabyo. "Yoo," mwavuga muti: "noneho, tegereza gato, mwene Data Branham." Ni byo, ibyo ni Ukuri. Mubitekerezeho!

55 Yosuwa, amaze kuzenguruka mu gihugu, Imana yamuhaye isezerano . . . Tekereza gato, kurwana urugamba rwose nta muntu n'umwe utakaje, nta n'inkomere ubonye, nta kibazo cyo kugira umuforomo, cyangwa umutabazi w'ibanze cyangwa itsinda ry'abarwanyi. Amina. Imana yaravuze iti: "Igihugu ni icyanyu, nimujye kukirwanira." Mutekereza, kurwana urugamba, kandi nta Croix Rouge ihari na gato, nta muntu n'umwe uzakomereka!

56 Kandi batsinze Abamori n'Abaheti, ariko nta n'umwe wakomeretse muri bo kugeza igihe icyaha cyaziye mu nkambi. Ubwo Akani yafataga iyo myambaro y'Abanyababiloni n'icyo gitambaro cya zahabu, akabihisha munsi y'inkambi ye, hanyuma bukeye bwaho babura abantu cumi na batandatu. Joshua yaravuze ati: "Muhagarare! Muhagarare! Mutegereze gato, hari ikibazo! Hari ikibazo hano. Tugiye gushyiraho iminsi irindwi yo kwiyiriza ubusa. Imana yaradusezeranyije iti: 'Nta kintu na kimwe kizatugiraho ingaruka mbi.' Abanzi bacu bazikubita imbere y'ibirenge byacu. Ariko hari ikintu kitagenda neza hano. Hari ikintu cyagenze nabi ahantu runaka, kuko dufite abantu cumi na batandatu bapfuye baryamye hano. Ni abavandimwe b'Abisiraheli, kandi bapfuye."

57 Kuki bapfuye, abantu b'inzirakarengane? Kubera ko umuntu umwe yavuye mu murongo. Murabona impamvu ibi bigomba kwigishwa? Itorero riri ku murongo, riri ku murongo w'Ijambo ry'Imana, riri ku murongo w'Imana kandi riri ku murongo umwe ku wundi, rigenda neza, mu buryo butunganye, imbere y'abantu bose, ryubaha Imana. Kubera ko umuntu umwe yibye umwenda, agakora ikintu atagombaga gukora, byatumye hapfa abantu cumi na batandatu! Ndatekereza ko hari abantu cumi na batandatu, wenda barenga. Ndizera ko ari abantu cumi na batandatu bari bapfuye.

58 Yoshuwa, yaravuze ati: “Hariho ikintu kitagenda neza! Imana yatanze isezerano, n’ikindi kintu cyose.”

59 Iyo tuzanye abarwayi imbere yacu, maze bakanga gukira, tugomba gutumiza ukwiyiriza ubusa ku mugaragaro, tugatumiza inteko. Hari ikintu kitagenda neza ahantu runaka. Imana yatanze isezerano, Imana igomba gukomeza iryo sezerano, kandi izarisohoza.

60 Ategeka kwiyiriza ubusa. Babimenye, bafinda ubufindo. Akani arabyemera. Bishe Akani, umuryango n’abandi bose, batwika ivu ryabo, barisiga aho nk’urwibutso. Yosuwa yakomeje intambara, afata ibintu byose, nta nkovu cyangwa igikomere. Ngaho rero.

61 Umunsi umwe, yari akeneye igihe gito, igihe cy’inyongera. Izuba ryari rigiye kurenga, abagabo ntibashoboraga kurwana neza nijoro. Yosuwa, uwo murwanyi ukomeye, wasizwe amavuta n’Imana, washyizwe mu gihugu nk’uko Abefeso babivuga ku itorero rishya, gutunga, gutunga, gutunga igihugu, kucyigarurira. Yari akeneye igihe, nuko aravuga ati: “Wowe zuba, hagarara!” Rihagarara amasaha agera kuri cumi n’abiri, kugeza igihe afatiye igihugu. Murabona?

62 Noneho Igitabo cy’Abefeso kidushyize mu mwanya muri Kristo, bo bari iki mu Gihugu Cyera. Ntabwo twashyizwe mu Gihugu Cyera, ahubwo ni mu Mwuka Wera! Noneho reka dusome Ijambo rimwe, murareba uburyo itorero ritunganye:

> *Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo ku bushake bw’Imana,. . .*

63 Yoo, ndabikunze! Imana yamugize intumwa. Nta bakuru bamurambitseho ibiganza, nta bepiskopi bamutumye ahantu hose, ariko Imana yaramuhamagaye imugira intumwa.

> *Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo ku bushake bw’Imana, ku bera* (abejejwe) *bo muri Efeso, no ku bakiranutsi bo* muri Yesu Kristo:

64 Murebe uko abivuga. Ibi si iby’abatizera. Ibi ni iby’itorero. Byahamagariwe abahamagariwe gusohoka, abejejwe n’abahamagawe bari muri Kristo Yesu.

65 Noneho, niba mushaka kumenya uko tugera muri Kristo Yesu, nimuhindukirire mu Abakorinto ba mbere 12, haravuga hati: “Kubw’Umwuka umwe twese twabatirijwe mu Mubiri umwe.” Ni gute? Twabatijwe n’iki? N’Umwuka Wera. Ntabwo ari ukubatizwa mu mazi, mwebwe bantu b’Itorero rya Kristo, ahubwo ni ukubatizwa mu nyuguti nkuru imwe U-m-w-u-k-a, binyuze mu Mwuka umwe. Si ugusuhuzanya n’ikiganza kimwe, n’inyuguti imwe, no gusuka amazi ku gahanga rimwe. Ariko, “Kubw’Umwuka umwe twese twabatirijwe mu Mubiri umwe,” ubutunzi bwacu, Igihugu Imana yaduhaye kubamo, Umwuka Wera. Nk’uko yahaye Kanani Abayahudi, ni ko yaduhaye

Umwuka Wera. “Kubw’Umwuka umwe twese twabatirijwe mu Mubiri umwe.” Murabyumva?

66 Noneho, arimo kuvugana n’Abanyakanani bo mu buryo bw’umwuka, Isirayeli, Isirayeli yo mu buryo bw’umwuka yigaruriye igihugu. Ese ntimushimishijwe no kuba mwaravuye ku bitungurusumu byo mu Misiri? Ese ntimushimishijwe no kuba mwaravuye mu butayu? Kandi, mwibuke, bagombaga kurya manu, ibiryo byAbamalayika bivuye mu Ijuru, kugeza igihe bambukiye bakagera mu gihugu. Maze bambuka bajya mu gihugu, manu yarekeyaho kugwa. Icyo gihe bari barakuze bihagije, kandi barya ibinyampeke byo mu gihugu. Noneho, ubwo mutakiri impinja, ubwo mutakifuza amata y’Ivanjiri, ubwo mudakwiye kuba mukiri abana bateta, bo gukubitwa, no kumvishwa kuza mu rusengero, ubu mumaze kuba Abakristo bakuze bihagije, ubu mwiteguye kurya inyama zikomeye. “Mwiteguye kwinjira mu kintu runaka,” ni ko yavuze. Mwiteguye gusobanukirwa ikintu cyimbitse kandi gikungahaye. Yoo, tuzabigeraho ako kanya. Kandi, yoo, byahishwe kuva isi yaremwa. Yaravuze ati: “Noneho ubwo mumaze kwinjira muri ibi, ndababwira ibi.” Si kuri abo baherutse kuva mu Misiri, si ku bakiri mu rugendo, ahubwo ni ku bari mu gihugu cy’isezerano, ni bo bahawe isezerano.

67 Ni bangahe bahawe amasezerano y’Umwuka Wera? Yoo, mbese ntibinejeje kuba muri mu gihugu? Hejuru y’aha, murya ibigori byumye, murya ibintu bikomeye by’Imana no gusobanukirwa neza. Ubwenge bwanyu—ibitekerezo byanyu byo mu mwuka biravuga. Muzi neza Uwo Ari we. Muzi neza icyo Ari cyo. Muzi neza aho mujya. Muzi neza byose kuri byo. Muzi uwo mwizeye kandi mukemeza ko ashobora gukomeza ibyo mwamushinze kugeza ku munsi. Yoo, uwo ni we, uwo ni we Pawulo arimo kubwira ubu. Nimwumve mwitonze. Noneho murebe.

. . . abizerwa muri Kristo Yesu:

68 Noneho, reka ntume itorero risubiramo. Ni gute twinjira muri Kristo? Ni kubwo kwinjira mu itorero? Oya. Mu kwandika izina ryacu ku gitabo? Oya. Mu kubatizwa twibizwa? Oya. Ni gute twinjira muri Kristo? Kubw’Umwuka Wera umwe twese twabatirijwemo mu masezerano amwe, Umubiri, kandi turi abafatanyaikorwa b’abo banyagihugu bose. Amina! Yoo, nda—ndabikunda. Iyo ntaza gusarara, nari gusakuza. Mana yanjye, iyo ninjiye muri iki gihugu, kiba ari icyanjye. Ubu ndi mu rugo; Ndi muri Kanani. Ndi mu maboko y’ikintu cyose Imana ishaka kunkoresha. Ndimo gutembera ahantu hera, ndi umwana w’Umwami, nambaye ikanzu kandi nditeguye. Navuye mu Misiri, narazamutse ngera mu gihugu cy’isezerano, nahanganye n’ibigeragezo, nambutse Yorodani ninjira muri iri sezerano ry’umugisha. Yoo, ni gute nabibonye? Ni kubw’Umwuka umwe. Uko Pawulo yabigezeho, nanjye byambayeho nk’uko

byamubayeho, nawe byakubayeho. “Twese twabatirijwe mu Mwuka umwe.” Ntabwo twasutsweho amazi ku gahanga, agatonyanga gato, numva ari byiza cyane; ahubwo kuba twarayibiyemo! Byose byaremewe kogwamo munsi yabyo, mu Mwuka Wera. Iryo ni ryo sezerano.

69 Abefeso, Yosuwa wacu, ari we Mwuka Wera, *Yosuwa* risobanura “Yesu, Umukiza.” Yosuwa bisobanura Umwuka Wera ubihagarariye mu buryo bw’umwuka nk’uko byari mu buryo busanzwe, ko Ari Umurwanyi wacu ukomeye. Ni Umuyobozi wacu ukomeye. Nk’uko Imana yari kumwe na Yosuwa, ni ko Imana irimo (mu Mwuka Wera) kutugendamo. Kandi iyo icyaha kinjiye mu nkambi, Umwuka Wera urahunga, “Ni iki kitagenda muri iri torero? Hari ibitagenda neza.” Yoo, mbese ubu ntimushobora kubona uburyo twabonye abahungu benshi ba Kish? Ba Sawuli benshi cyane baturutse mu maseminari no mu mashuri ya tewolojiya, bakajya kwigisha ibi bintu bigoramye, nk’uko Bibiliya ivuga ko bazabikora. “Bisa nk’aho badafite Ukwizera, bibatandukanya namwe, nta busabane namwe, n’ibindi, bagira uburyo bwo kutubaha Imana no guhakana imbaraga ziyirimo: abo bantu mubirinde.” Ntibazi aho bakomoka, nta mpamvu bashobora gutanga.

70 Ibi mbivuze mbikuye kuri Mwene Data Booth Clibborn, inshuti yanjye, Niba hari ikintu cyose kite-. . . kitemewe n’amategeko kitaremwe n’Imana, ikintu cyose ku isi, ni inyumbu. Inyumbu ni yo iri hasi cyane kurusha izindi zose. Ni i. . . nti—ntizi icyo iri cyo. Ntishobora kwirema ukundi. Inyumbu ntishobora kubangurirwa ku yindi nyumbu ngo ibe nyumbu. Iba irangiye. Ntimenya aho ingabo yayibyaye ikomoka, nta n’ubwo imenya ingore yayibyaye, kuko ari indogobe—ntoya n’ifarashi y’ingore. Imana ntiyigeze ibikora. Ibyo ntubigereranye n’iby’Imana. Imana ntiyigeze ikora ibyo. Imana yaravuze iti: “Ibintu byose bizororoka bikurikije ubwoko bwabyo.” Yego, mugenzi. Ariko inyumbu ni i—i. . . ingabo iyibyara yari indogobe naho ingore iyibyara ikaba ifarashi, bityo ntabwo izi uruhande iherereyemo. Yo—yo—yo ni ifarashi igerageza kuba inyumbu, cyangwa inyumbu. . . cyangwa—cyangwa ni ifarashi igerageza kuba indogobe, indogobe igerageza kuba ifarashi. Ntabwo izi aho iherereye. Kandi ni ikintu kigoye kurusha ibindi bibaho kw’isi. Ntimushobora kumugirira icyizere na gito.

71 Kandi uko ni ko abantu benshi bameze mw’itorero. Ntibazi se ubabyara, ntibazi nyina uwo ari we. Ikintu kimwe gusa bazi, ni Abaperesibiteriyani, Abametodisite, Ababatisita, cyangwa Abapentekote, cyangwa ikindi kintu. Ntabwo bazi aho baturuka. Kandi indogobe ishaje, ushobora kuyivugiriza induru uko ushaka kose, izahagarara ahongaho ishinge amatwi yayo manini, maze ikurebe. Ushobora kubabwiriza ijoro ryose, kandi iyo batashye nta na gito baba biyunguye ku bumenyi kirenze icyo binjiranye. Noneho, ibyo ni ukuri rwose. Ntabwo nshaka kuvuga

ko ari bibi, ariko ndashaka kubabwira Ukuri.

72 Ariko hari ikintu kimwe bashobora gukora, ni abakozi beza. Yoo, barakora gusa, bagakora, bagakora, bagakora. Ibyo binyibutsa itsinda ry'Abanyaruminiyani bahora bagerageza gukorera Ijuru. Ni byo koko, inyumbu. Yewe, Sosiyete y'Abagore Ifasha, n'ifunguro ry'inkoko rya nimugoroba, ku bw'umushahara, umuvugabutumwa. "Kandi tugomba kubyina iyi mbyino, n'iyi gahunda yo gusabana." Ni akazi gusa, akazi, akazi, akazi, akazi, akazi, akazi. None se, bo, bakorera iki?

73 Mubabaze muti: "Mwahawe Umwuka Wera kuva mugitangira kwizera?"

74 Bica amatwi, ntibazi aho baherereye, "Urashaka kuvuga iki? *Ibi* byose byabereye he? Urashaka kuvuga iki, Umwuka Wera? Ntabwo twigeze twumva ikintu na kimwe ku bijyanye na Wo. Yoo, mugomba kuba muri bamwe mu bafana." Murebe, nibura, ntabwo bazi se ubabyara uwo yari we, cyangwa uwo nyina yari we. Kandi mugomba kubatsinda ku byo mukora byose, mukubita *hano* mugakubita *hariya*, mugakubita *hano* ndetse mugakubita na *hariya*. Ni byo, inyumbu ya kera.

75 Ariko, ndakubwira, ntabwo ari ngombwa kubikora ukoresheje ifarashi nyayo y'ubwoko bwose. Yikubite inkoni rimwe gusa, maze mwene Data, yigendere. Azi icyo akora. Mbega ukuntu ari byiza kugendera ku ifarashi nyayo y'ubwoko bwose! Mbega ukuntu ari byiza kuvuga uti: "Ngwino muhungu." Yewe, mugabo, byaba byiza ufashe ugakomeza, izaterera agatebe k'igare mu kirere.

76 Ni ko bimeze ku Bakristo nyabo. Haleluya! "Mwakire Umwuka Wera. Nimwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu." Baragiye, bihuta uko bashoboye kose bagera ku mazi, baragiye. Ntibashobora kuruhuka amanywa n'ijoro kugeza igihe bakiriye Umwuka Wera. Kubera iki? Murabizi, Umukristo se umubyara uwo ari we. Murabona, bisaba abantu babiri kugira ngo umuntu abyare. Ni byo, papa na mama. Inyumbu ntimenya ingabo yayibyaye iyo ari yo, cyangwa ingore yayibyaye. Ariko tuzi neza Data na Mama abo ari bo, kuko twavutse ku Ijambo ry'Imana ryanditswe n'Umwuka. Petero ati: ku munsi wa Pentekote, "Nimwihana mukanabatizwa, buri wese muri mwe, mw'Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu, muzahabwa impano y'Umwuka Wera."

77 Kandi, mwene Data, Umukristo nyawe wavutse ubwa kabiri, (yoo, mbega) umwuka we, akimara kubona Ijambo, yakira Umwuka Wera. Uzamubaze ikintu rero! Aba azi aho ahagaze. "Mwizera gukiza kw'Imana?"

"Amina!"

"Mwizera Kuza kwa Kabiri?"

"Amina!"

78 Ibyo bibaze inyumbu. Idini ry'inyumbu, "Yemwe, ntabyo nzi. Dogiteri Jones yigeze kuvuga . . . " Yoo! Hariya, kurikira Sawuli. Murareba? "Oh, ntibabizi. Ndakubwira ko itorero ryanjye ritabizi neza."

79 Yoo, mwene Data, ariko umuntu wavutse ubwa kabiri umugabo n'umugore bose bahamirijwe no kuza k'Umwami Yesu, Bafite icyizere cy'uko bahawe Umwuka Wera nk'uko hariho Umwuka Wera ugomba gutangwa.

80 Noneho, Yesu yaravuze . . . Umugore ku iriba, "Twe dusengera kuri uyu musozi, Abayahudi nabo basengera i Yerusalemu."

81 Aravuga ati: "Mugore, umva Amagambo Yanjye! Igihe kirageze, aho Data ashaka abamusenga bamusengera mu Mwuka no mu Ukuri."

82 "Ijambo Ryawe ni Ukuri." Kandi buri muntu wese uzasoma Bibiliya kandi akizera buri Jambo Bibiliya ivuga, ndetse agakurikiza amabwiriza Yaryo, kandi akakira Umwuka Wera nk'uwo bahawe, nk'uko bawakiriye, ibisubizo ni nk'ibyo ni uko bawakiriye, ububasha nk'ubwo yabonye igihe yabuhabwaga, azi Papa na Mama be abo ari bo. Azi ko yogejwe mu Maraso ya Yesu Kristo, yabyawe ku Mwuka, yuzuye ugusigwa kw'Imana. Azi aho ahagaze. Yego! Ari muri Kanani. Azi aho akomoka. Nuko bimeze no ku Bakristo nyabo. Arababaza ati: "Mwahawe Umwuka Wera kuva mugitangira kwizera?"

"Amina, Mwene Data!"

83 Umunsi umwe nari mpagaze iruhande rw'umutagatifu ushaje, w'imyaka mirongo icyenda n'ibiri, mvugana n'umupasiteri we w'imyaka mirongo inani, ndavuga nti: "Nyogokuru?"

Neza neza nk'uko bishoboka, aravuga ati: "Yego, mwana wanjye."

84 Ndavuga nti: "Hashize igihe kingana iki, kuva makiriye Umwuka Wera?"

Yaravuze ati: "Imana ihabwe icyubahiro! Hashize imyaka nka mirongo itandatu nywakiriye."

85 Noneho, iyo aza kuba ari inyumbu, yari kuvuga ati: "Noneho, tegereza umunota umwe, narakomejwe kandi nsukwa amazi ku gahanga ubwo nari . . . Ni byiza, rwose, banjyanye mu rusengero maze mfata ibaruwa yanjye *gutyo*." Yoo, mbabarira! Ntibazi n'aho babarizwa.

86 Ariko azi aho uburenganzira bwe bw'amavuko bukomoka. Yari ahari ubwo byabaga. Yavutse ku bw'amazi no ku bw'Umwuka. Yari azi ko, kandi amazi binyuze mu kozwa n'amazi binyuze mu Ijambo, afata Ijambo.

87 Noneho murebe uburyo ibi byakozwemo, "Ku bantu bari muri Kristo Yesu." Pawulo, ubu, mwibuke. . . Ndimo gufata umwanya muremure, ariko ntabwo ngiye muri iki gice. Ariko ndaza kwihuta. . . Murabikunda? Yego, biratwereka aho turi, ariko ntabwo dushobora kubikora mu ijoro rimwe gusa. Dukeneye ukwezi kumwe cyangwa abiri turi muri ibi, buri joro, kunyuramo gusa, Ijambo ku rindi. Ndasubira inyuma mbigarure mu mateka mbishyire mu mwanya wabyo, Ijambo ku rindi, kandi mberekae ko ari Ukuri. Noneho mureke nongere nsome uwo murongo byihuse.

> *Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo ku bushake bw'Imana* (ntabwo ari ku bushake bw'umuntu), *ku bera bo muri Efeso, no* (ijambo rihuza amagambo) *ku bakiranutsi muri Kristo Yesu:*

88 Bisobanura, "Barahamagawe, baritandukanije, none babatijwe n'Umwuka Wera, kandi bari muri Kristo Yesu. Mbandikiye iyi baruwa, bakundwa banjye." Oh! Ndatekereza kuri Pawulo uri hariya ari kumwe nabo ubungubu, yemwe, mbega ukuntu nishimye! Uwo musore w'intumwa yari yaciriwe umutwe ahongaho. Nari mpagaze hafi y'aho bamuciriye umutwe. Ariko, yemwe, umutwe we uri kuri uwo mubiri mushya, kandi ntashobora kurimbuka. Kandi ahagaze hariya hamwe nabo uyu munota, ya ntumwa imwe yanditse Ibi. Maze aravuga ati: "Muri Kristo Yesu! Kubw'Umwuka umwe twese twabatirijwe muri uyu Mubiri umwe." Noneho nimurebe.

> *Ubuntu n'amahoro bibe* kuri *mwe biva ku Mana Data wa twese no. . . ku Mwami Yesu Kristo.*

> *Hashimwe Imana kandi Se w'Umwami wacu Yesu Kristo, waduhaye umugisha hamwe n'abandi bose. . .*

Yoo urabyumva, Charlie?

> *. . . yaduhaye imigisha yose yo mu mwuka. . .*

89 Si bamwe ku ntumwa gusa, abandi kuri *ibi*, ahubwo yaduhaye imigisha yose yo mu buryo bw'umwuka. Umwuka Wera umwe wamanutse ku Munsi wa Pentekote ni nawo Mwuka Wera uri hano muri iri joro. Uwo Mwuka Wera watumye Mariya arangurura ijwi kandi akavuga mu ndimi, maze akagira ibihe byiza kandi akishima, n'ibintu wakoze, Umwuka Wera umwe hano muri iri joro. Umwuka Wera umwe warekeye Pawulo muri ubwo bwato, aho bwasaga n'aho bwuzuye amazi kandi byari byaragiye, kandi byari iminsi cumi n'ine n'amajoro, nta kwezi cyangwa inyenyeri. Yarebye hanze maze abona buri muraba wari ufite dayimoni, iramwitegereza, maze ihekenya amenyo yayo, maze iravuga iti: "Ngiye kukuroha, wa musore we, nonaha. Ndagufashe ubungubu."

90 Kandi ubwo Pawulo yamanukaga kugira ngo asenge gato, hahagurutse Malayika, aramubwira ati: "Witinya, Pawulo. Ubu bwato bushaje bugiye gushwanyagurikira ku kirwa runaka.

Komeza wirire ifunguro rya nimugoroba, byose biragenda neza ubu."

91 Nguwo araje afite iminyururu ku maboko ye mato ashaje, ayikurura ku birenge bye, maze aravuga ati: "Nimukomere, bagabo, ku bw'Imana, ndi Malayika w'Imana, mbereye umugaragu, ahagarara iruhande rwanjye arambwira ati: 'Paulo, ntutinye.'" Uwo Mwuka Wera uri hano muri iri joro, Umwuka umwe w'Imana, uduha imigisha imwe yo mu mwuka.

. . . duhe umugisha hamwe n'imigisha yose yo mu Ijuru. . .

92 Yoo, reka duhaguruke umunota umwe gusa. "Ahantu ho mw'Ijuru." Noneho, ntabwo ari ahantu hose, ahubwo ni ahantu ho mu Ijuru. Duteraniye mu "Ijuru," bivuze ko ari umwanya w'umwizera. Ko, niba nsenze cyane, namwe usenge cyane, cyangwa itorero risenge cyane, kandi turiteguye kubw'Ubutumwa, kandi twateranye ubwacu nk'abera, bahamagawe, twabatijwe n'Umwuka Wera, twuzuye imigisha y'Imana, twarahamagawe, twaratoranijwe, ubu duteraniye hamwe mu Ijuru, turi ab'Ijuru mu bugingo bwacu. Imyuka yacu yatuzanye mu kirere cyo mu Ijuru. Yewe, muvandimwe! Ngicyo rero, ikirere cyo mu Ijuru! Yoo, ni iki cyaba muri iri joro, byagenda bite kuri uyu mugoroba turamutse twicaye hano mu Kirere cyo mw'Ijuru, n'Umwuka Wera agenda hejuru y'umutima wose kandi ugahinduka icyaremwe gishya muri Kristo Yesu? Ibyaha byose munsi y'Amaraso, mu gusenga gutunganye, ibiganza byacu bizamuwe ku Mana kandi imitima yacu izamuwe, twicaye ahantu ho mu Ijuru muri Kristo Yesu, dusengera hamwe ahantu ho mu Ijuru.

93 Ese wigeze uhatekereza? Oh, narahatekereje maze ndarira kubera ibyishimo ndavuga nti: "Mana, ntuzigere wemera ko mva hano." Ahantu ho mw'Ijuru muri Kristo Yesu!

94 Uduha umugisha n'iki? Gukira indwara guturuka ku Mana, kumenya mbere y'igihe, guhishurirwa, kwerekwa, imbaraga, indimi, gusobanura, umudendezo, ubumenyi, imigisha yose yo mw'Ijuru, kandi umunezero urabagirana kandi wuzuye Icyubahiro, imitima yose yuzuye Umwuka, igendera hamwe, iri ahantu hamwe ho mu ijuru, nta gitekerezo kibi na kimwe muri twe, nta tabi na rimwe twanyweye, nta kabutura n'imwe twambaye, nta na kimwe *ibi, biriya,* cyangwa *ibindi*, nta gitekerezo kibi na kimwe, nta muntu n'umwe wahanganye n'undi, abantu bose bavuga mu rukundo no mu bwumvikane, abantu bose bahuje umutima ahantu hamwe, "hanyuma, muri ako kanya, mu Ijuru haturuka umuriro uhinda nk'uw'umuyaga uhuha cyane." Ni ko bimeze, "Yaduhaye imigisha yose y'umwuka."

95 Noneho Umwuka Wera ushobora kumanukira umuntu, ukavuga ati: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Bagiye ahantu

runaka bakora ikintu runaka." Murebe uko byagenze neza neza nk*'uko*. [Mwene Data Branham akomanya intoki ze—Ubwanditsi.] Murabona? "UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Agakora ikintu runaka ahantu runaka." Murareba uko byagenze. [Mwene Data Branham akomanya intoki ze.]

96 "Yaduhaye umugisha twese hamwe mu migisha yose yo mw'Ijuru ahantu ho mw'Ijuru." Murebe!

Nk'uko yadutoranije . . .

97 Ese ni twe Twamutoranije, cyangwa ni We wadutoranije? Ni We waduhisemo. Ni ryari? Ijoro twamwemeraga? Ni We waduhisemo!

Nk'uko yadutoranije muri we mbere y'uko isi ishyirwaho imfatiro, *ko tugomba kuba abera . . . nta rubanza dufite imbere ye* . . . (amadini?) . . . *mu rukundo:*

98 Imana yadutoranije ryari? Imana yabatoranije ryari mufite Umwuka Wera? Yabatoranije ryari? Mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi. Kubw'ubumenyi Bwayo, Yarababonye kandi imenya ko mwagombaga kuyikunda. Kandi mbere y'uko habaho urufatiro rw'isi, Yabahisemo, maze yohereza Yesu kugira ngo Abe impongano y'ibyaha byanyu, abahamagarire kwiyunga, kuri We ubwe no gukundana. Yewe, nifuzaga ko twakongeraho iminota mike gusa.

99 Mureke, mbere y'uko tugera kure, dusubire inyuma, mu Itangiriro 1: 26. Nzabibifata Kuwa gatatu. Ubwo Imana yaremaga umuntu . . . Mbere y'uko Irema umuntu, Yiyise "El," E-l, El; E-l-h, "Elah," "Elohimu." Iryo jambo risobanura, mu giheburayo, "kwibeshaho," Uwibeshejeho muri byose. Nta kintu na kimwe cyabayeho mbere Yayo, Yari ubuzima bwose bwabayeho, kubaho Kwe bwite! El, Elah, Elohimu, bisobanura "Uwihagije muri byose, uw'imbaraga zose, Ushobora byose, Uwibeshejeho." Yoo!

100 Ariko mu Itangiriro 2, ubwo yaremaga umuntu, yaravuze ati: "Ndiho," Y-a-h-u, J-u-v-u-h, *Yahweh,* "Yehova." Byasobanuraga iki? "Ndi Ubeshaho byose Waremye ikintu muri njyewe Ubwanjye, kugira ngo mbe umwana Wanjye, cyangwa umwana wanjye w'igihe gito, cyangwa inzobere, umutoya Wanjye." Himbazwa! Kuki? Yahaye umuntu . . . *Yehova* bivuze ko "Yahaye umuntu kuba imana y'inzobere." Kuko ari Imana Data, kandi Yaremye umuntu nk'imana y'inzobere, bityo ntabwo ikibeshejeho, Iriho hamwe n'umuryango Wayo. Elah, Elah, Elohimu. Noneho, ni Yehova. *Yehova*, bisobanura, "Uriho hamwe n'umuryango We." Noneho, Imana yaremye umuntu kugira ngo abe umutegetsi ukomeye ku isi yose, yari afite ubutegetsi. Kandi isi yari ubutegetsi bw'umuntu. Ese ibyo ni Ibyanditswe Byera? Noneho niba ari bwo butegetsi bwe, yari imana ku isi. Yashoboraga kuvuga, kandi bikaba uko abitegetse. Yashoboraga kuvuga *ibi,* kandi bikakagenda bityo. Yoo! Hariho,

Imana, Yehova, Uwo wari wigeze kubaho yibeshejeho, ariko ubu akaba ariho ari kumwe n'umuryango We, n'abana Be bato bari kumwe na We. Ngaho rero.

101 Noneho, mubisome. Tuzabivugaho kuwa Gatatu nijoro, ni bwo tuzabona umwanya uhagije. Dusigaranye iminota nk'itanu gusa hanyuma tuza . . . Natekereje ko twari kugera ku kintu runaka hano, ariko ntituri bukigereho, aho dushyirwaho ikimenyetso n'Umwuka Wera w'isezerano. Ni byo.

102 None se, ni ryari twahamagariwe kuba abagaragu b'Imana? Ni ryari Orman Neville yahamagariwe kuba umugaragu w'Imana? Yoo, mbega! Ibi birantunguye. Ndababwira, mureke dufate Ibyanditswe bimwe na bimwe. Ndashaka ko musoma muri Petero wa Mbere 1:20. Kandi, Pat, usome Ibyahishuwe 17:8. Kandi ndaza kureba Ibyahishuwe 13. Noneho turashaka gutega amatwi hano, urashaka kumenya igihe Imana yaguhamagariye kuba Umukristo. Yoo, ndabikunze. Ibi, "Umuntu ntashobora kubaho atunzwe n'umugati gusa ahubwo azakurikizaho Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana." Ni byo, mwene Data Neville, fata wihuse muri Petero wa Mbere 1:20. [Mwene Data Neville aravuga ati: "1:20."—Ubwanditsi.] Ni byo, soma 1:19 na 1:20. Mwumve ibi. ["1:19 na 20."] Yego.

> *[Ariko amaraso y'agaciro gakomeye ya Kristo, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara:*]
>
> *[Ni we wagenwe mbere y'uko isi iremwa, ariko akagaragara muri ibi bihe by'imperuka ku bwanyu.]*

103 Ni ryari yagenwe? Mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Mwene Data Pat, soma Ibyahishuwe 17: 8 kubwanjye.

> *[Inyamaswa wabonye yahozeho, nyamara ntikiriho; kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu, maze ijye kurimbuka, abatuye isi bazatangara, abari mw'isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo uhereye ku kuremwa kw'isi, iyo babonye inyamaswa yariho, ariko ikaba itakiriho, ariko ikabaho.]*

104 Ni nde uzashukwa? Ni nde uzashukwa n'uyu muntu w'umunyedini nka Sawuli? Ibyo byari amayeri menshi kandi byari bitunganye cyane kugeza ubwo byayobya iki? A- . . . [Itorero riravuga riti: "Abatoranijwe."—Ubwanditsi.] niba . . . ["bishoboka."] niba bishoboka. Ni byo, Ibyahishuwe 13: 8, reka mbisome:

> *Kandi abatuye isi bose baza . . . abatuye isi bose bazayiramya, abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'Intama* mbere *isi itarashyirwaho urufatiro.*

105 Ni ryari amazina yacu yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama? Igihe Umwana w'Intama yicwaga mbere

y'uko isi iremwa. Igihe Imana yari Yehova, El, Elah, Elohim, Uwibeshejeho. Kimwe na Diyama imwe nini cyane, kandi nta kindi kintu yashoboraga kuba cyo, ariko imbere muri iyi Diyama imico Yayo ni uko yari Umukiza. Muri iyi mico, imbere muri Yo, hari harimo Umukiza. Rero, nta kintu na kimwe cyo gukiza cyari kirho, ariko imico Yayo yarakiremye. Rero, mbere y'ishingwa ry'isi, ubwo yamenyaga, ko iyerekanwa Ryayo rikomeye riri hano, ko azaba Umukiza, ko azaza akihindura umubiri akabana natwe, kandi Yari azi ko kubw'ibikomere Bye byari gukira uburwayi, Yari yararetse Umwana w'Intama mu Gitabo Cye mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, kandi handitswemo izina ryawe muri icyo Gitabo mbere y'uko isi iremwa. Yoo!

106 Nimwumve ibi! Gutoranywa mbere y'igihe bisubira inyuma ku kumenya ibintu mbere y'igihe, ndavuga ugutoranywa. Ugutotanywa kureba inyuma ku kamenya ibintu mbere y'igihe, naho ukumenywa mbere kureba iherezo. Ntimwibagirwe ko, uko gutoranywa kureba inyuma hano, dore uko biri, "Nari mubi. Navukiye mu cyaha, nahawe igihagararo mu byaha, nza ku isi mvuga ibinyoma, navukiye mu banyabyaha. Data na mama n'umuryango wanjye wose, ni abanyabyaha. Nari umuntu usebanya. Ariko, mu buryo butunguranye, nahindutse urubuto rw'ingano. Byagenze bite?" Ibyo, ni ibiki? Ugutonanywa. Imana, mbere y'uko isi iremwa, yatoranyije ko urukungu ruzaba urubuto rw'ingano. "Noneho nzi ko ndi imbuto y'ingano, kubera ko nakijijwe. Nabigenza nte?" Musubize amaso inyuma murebe ko Yabigennye mbere y'igihe, kera cyane. Ku bw'ubumenyi Bwayo bwite yabonye ko nzayikunda, bityo Itanga icyiru binyuze mu Mwana Wayo bwite, kugira ngo binyuze kuri We mve ku kuba urukungu mbe ingano. "Ubu, ndi he?" Narakijijwe, ubu ngiye mu buntu bw'Imana. "Uguteganywa mbere bireba ku ki?" Ku byateganijwe. "Azanjyana he, kandimo kugana he?" Amina. Ibyo biragufashe. Ngaho rero.

107 Noneho reka dusome imbere gato, hanyuma turaza kurangiza vuba cyane.

> *Nk'uko ya. . .yadutoranije muri Yo mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, kugira ngo tube abera. . .tutagira umugayo imbere Yayo mu rukundo:*
>
> *Yaduteganyirije kuva kera kugira ngo tugirwe abana,* yaduteganyirije mbere *kugirwa abana Bayo muri Yesu Kristo, nk'uko umutima We ubishaka,*

108 Yakoze iki? Yatumenye mbere y'igihe, yatubonye mbere, izi ko Yari Umukiza, kandi ko yibeshejeho. Nta Bamalayika bari bariho, nta kintu na kimwe cyari kiriho; Imana, Elah, Elohim, Iyibeshejeho, nta kindi uretse Yo yonyine. Ariko muri Yo hari harimo Umukiza. Ni byiza, Agiye gukiza, nta kintu na kimwe cyatakaye? Ubwo yari ibizi, yamenye ko iyi mico ikomeye muri Yo yari kugaragaza ikintu Yashoboraga gukiza.

Hanyuma ubwo byakorwaga, binyuze mu kumenya mbere y'igihe, yararebye ibona abantu bose bazabyemera. Hanyuma mu kubikora, Yaravuze ati: "Kugira ngo mbakize, uburyo bwonyine nabikoramo, Ni uko namanuka ubwanjye nkambara umubiri, maze nkikorera icyaha cy'umuntu, maze ngapfa ku bwe, kugira ngo mbe Uwo basenga," kuko ari We Mana, ikintu cyo gusengwa.

109 Hanyuma Aramanuka maze afata uwo mwanya. Kandi ubwo Yakoraga ibyo, Yabikoze kugira ngo Abashe gukiza wowe ushaka gukizwa. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ku nshuro ya mbere, Imana itagira iherezo, Yari izi byose, yabonye Umwana w'Intama, kandi yishe Umwana w'Intama mbere y'ishingwa ry'isi, kandi Yashyize izina ryawe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama. Kandi yabonye uburiganya bwa Satani, icyo yari gukora. Nuko Ishyira izina ryawe ahongaho. Kandi Yavuze ko antikristo azaba umunyedini cyane, mwiza cyane, nk'umuntu mwiza cyane, umuntu usobanutse cyane, nk'umuntu nk'umunyamadini, ku buryo yayobya n'Intore niba bishoboka. Ariko ntibishoboka, kuko amazina yabo yari yarateganijwe mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Kubwo gutoranya yarabatoranyije, kandi ku bw'ibyo abo yagennye mbere y'igihe bazi aho bajya. Ngibyo rero.

110 Noneho, ni inde washobora gushidikanya? Ni byo Pawulo yavuze. Ibyo ni Ibyanditswe bya Pawulo. Izo ni inyandiko za Pawulo. Ni byo yigishije itorero rye. Itorero, neza, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Ubwo Imana, mu bubabare Bwayo bw'ibise, ikubyara, yari izi icyo uzakora, Yagushyize mu Mubiri Wayo Bwite, kuba umugore wo mu rugo, kuba umuhinzi, kuba umuvugabutumwa, kuba umuhanuzi, kuba *iki* cyangwa *ikindi*. Yagushyize mu mwanya wawe. Noneho iyo tuvuye mu gihugu cy'intungurusumu cya Egiputa, binyuze mu kwezwa, kandi tukabatirizwa mu gihugu cyasezeranijwe. . . Kubera ko, isezerano ry'Imana ni Umwuka Wera. Abefeso 4: 30 haravuga ngo: "Ntimukababaze Umwuka Wera w'Imana uwo wabashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu." Hanyuma Imana, imaze kugena itorero mbere y'igihe, Yaravuze iti: "Kandi abantu bose, hazabaho abantu babarirwa muri za miliyoni bazakomeza kuba abanyedini cyane kandi bashukwe." Abatazashukwa ni abazaba baragiye mu gihugu cy'isezerano gusa, abo mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi bari bafite amazina yabo yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama, kandi bakagera mu gihugu cy'isezerano, maze bakacyishimira.

111 Abantu benshi batinya ko mugiye kwitwara nk'abasekeje. Abantu benshi batinya ko Umwuka Wera azabatera gukora ikintu—muzaterwa isoni n'abantu. Abantu benshi batinya ko bazarira, kandi abakunzi babo bakababona barira, cyangwa ko mama, cyangwa umuturanyi wawe, cyangwa umukoresha wawe bazakubona.

112 Reka mbabwire iby'umugabo umwe igihe kimwe, mbere yo gusoza. Hariho umugabo witwaga Dawidi, kandi ubwo isanduku y'isezerano y'Imana yari imaze kumanurwa mu gihugu cy'Abafilisitiya, ikagerayo, bakuruwe n'isanduku y'isezerano, ikimasa gishaje cyarabakuruye, Dawidi abonye iyo sandugu ije, yari yambaye agakanzu kagufi, yiruka ajyayo, ashyira ibirenge bye mu kirere, maze arasimbuka, arataka cyane, arasimbuka, arabyina cyane, arasimbuka arabyina. Kandi, we, yari umwami wa Isirayeli! Umugore we arebye mu idirishya abona yitwaye nabi cyane, aramusuzugura. Yego, agomba kuba yaravuze ati: "Mbega umupfapfa! Mumurebe hanze aho, uko yitwaye, atera ibirenge bye hejuru mu kirere, kandi asimbagurika hirya no hino akora atyo. Erega, agomba kuba ari umusazi!" Kandi iryo joro ubwo yinjiragamo, yavuze mu magambo nk'aya ati: "Kubera iki, wankojeje isoni. Kubera iki, wowe, umwami, umugabo wanjye, uri hanze ukora utyo, ukora utyo koko!"

113 Dawidi yaravuze ati: "Ejo nzakora neza kurusha ibyo. Yego, mugenzi!" Aravuga ati: "Ntuzi ko nabyinnye mu Mwami?" Yarambutse! Yari mu gihugu cy'isezerano. Yari yatakaje ubwikunde bwose n'umwanda w'isi. Yari yishimye cyane amenye ko isanduku y'isezerano igiye kwinjira mu mujyi we bwite.

114 Kandi, yemwe, ndabibabwiye, abantu bamwe bafite ubwoba bwo kwakira Umwuka Wera, ubwoba ko bashobora kuvuga mu ndimi. Batinya ko umuntu yavuga ati: "Noneho, ni umwe muri abo bantu bavuga indimi zitandukanye." Batinya kuza mu rusengero ngo babatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo, kuko bibateye isoni. Yoo! Mbega!

115 Umuntu aravuga ati: Ngomba gusubiramo kaseti zanjye, kuko nabwirijwe kubatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo. Ntabwo ndimo kuzisubiramo. Ndimo gukora ibirenze! Ni byo, nkora ibirenze! Iyo ni Bibiliya. Niba badakunze ibyo twakoze ejo hashize, barebe ibyo tuzakora ejo hazaza! Icyo ni cyo kintu kigomba gukorwa, murebe, mukomeze. Ntibigira iherezo, kuko ari iby'Uwiteka. Ni Imana.

116 Muzi ibyo Imana yakoze? Imana yarebye mw'Ijuru, Iravuga iti: "Dawidi, uri umugabo unyuze umutima Wanjye Bwite." Dawidi ntibyamuteye ipfunwe. Yari umugaragu w'Uwiteka. Yakundaga Uwiteka. Kandi yarishimye cyane, ibyishimo byamurenze, kugeza ubwo atatekereje ku cyubahiro cy'abantu.

117 Murabona, nk'uko nabivuze mu nyigisho zanjye muri iki gitondo, dufite ubwoba bwinshi, turashaka Sawuli kugira ngo atwigishe, turashaka Sawuli mu maseminari amwe kugira ngo atubwire uko tugomba gukora idini n'uburyo tugomba kurikora. Ibyo biri ku ruhande rwa Yorodani. Kuri uru ruhande, Umwuka Wera arayobora. Ahangaha uva muri uwo mwanda. Ahangaha ntureba icyo batekereza. Mwapfiriye hano, kandi

ubuzima bwanyu bwihishe muri Kristo . . . mwashyizweho ikimenyetso n'Umwuka Wera. Ntacyo bibatwaye. Mutuye i Kanani. Mushobora kwihanganira ibigori byiza. Muri ikiremwa gishya muri Kristo Yesu. Muraboshye kubw'igihugu cy'isezerano.

118 Ndibuka mpagaze hariya, Mwene Data Collins, mu myaka mirongo itatu ishize, ubwo uru rusengero rwari rutarubakwa. Hari amateraniro mato yari hano hirya mu ihema, amateraniro yanjye ya mbere. Nabwirizaga kuri iyi Nkuru Nziza, kuri bwa butunzi butarondoreka bwa Kristo: umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo, twizera ko Ijambo ryose ari Ukuri, umubatizo w'Umwuka Wera, Gukiza indwara kw'Imana, imbaraga z'Imana, nk'uko nzibwiriza ubu, ntabwo yigeze izihinduraho akantu na gato. Imana yampishuriye byinshi kuri zo, bityo, uko ibimpishurira, nkomeza kubibagezaho. Ntiyigera ikuraho ibyari biriho, ahubwo Ikomeza kongeraho ibindi.

119 Nahagaze ahongaho ubwo abantu bageraga kuri magana atanu bari bahagaze ku nkombe, ndaririmba nti: "Mpagaze ku nkombe z'umuyaga wa Yorodani, kandi mpanze amaso, mu gihugu cyiza kandi cy'ibyishimo cya Kanani, aho imitungo yanjye iri. Ni ryari nzagera kuri iyo nkombe ifite ubuzima bwiza maze ngahabwa umugisha iteka ryose, ni ryari nzagerayo maze nkaba muri Data . . . maze nkaruhuka iteka ryose?" Ubwo batangiraga kuyiririmba, Najyanaga umuhungu mu ruzi kumubatirizamo mw'Izina ry'Umwami Yesu. Naravuze nti: "Data wo mu Ijuru, ubwo nzanye uyu muhungu Iwawe nyuma yo kwatura ibyaha . . . " Umuhungu, njyewe ubwanjye, nabonye amafoto yabyo mu rugo. Ndavuga nti: "Ubwo mubatirishije amazi, Mwami, kugeza yatuye, mw'Izina rya Yesu Kristo Umwana w'Imana, Umwuzuze Umwuka Wera." Muri icyo gihe, ikintu cyakoze umuzenguruko, maze kimanuka kizenguruka, Inyenyeri Yaka yo mu Ruturuturu ihagarara ahongaho. Hari hahagaze Umucyo mubona aho ku ifoto. Ni ho Wari uhagaze.

120 Byazengurutse isi yose, muri Kanada no hirya no hino. Baravuze bati: "Umucyo w'amayobera wahagaze hejuru y'umupasiteri w'Umubatisita wo muri ako gace ubwo yari arimo kubatiza."

121 Mu minsi mike ishize, ubwo Dogiteri Lamsa yazaga aho ndi, kandi nta kintu na kimwe azi kuri ibyo, maze akanzanira ifoto, ni nde mwene Data ufite iyo foto nonaha. Waba ufite iyo foto? Ese ufite Bibiliya ahongaho, irambitse hariya, iri mu gitabo cyawe? Ni byo. Hariho ifoto y'ikimenyetso cy'Abaheburayo cya kera cyerekanaga Imana, neza neza—ni uko byari bimeze mu gihe cya Yobu, mbere y'uko Bibiliya yandikwa. Imana mu miterere Yayo atari imana eshatu. Imana imwe mu miterere itatu: Data, Umwana, n'Umwuka Wera, imirimo itatu Imana ikora. Ntabwo ari imana eshatu, imiterere itatu! Kandi ni ko byari bimeze. Ubwo uwo mugabo ukomeye, Dogiteri Lamsa, ubuhinduzi bwa

Bibiliya ya Lamsa, ubwo yavugaga muri icyo gitondo . . . Igihe namubwiga ko, naravuze nti—Ndavuga nti: "Ikimenyetso ni ikihe?"

122 Aravuga ati: "Icyo ni ikimenyetso cya kera cy'Imana, mu Baheburayo. Imana, Imana imwe mu mirimo itatu."

Ndavuga nti: "Nka Data, Umwana, n'Umwuka Wera?"

123 Yarahagaze, maze ashyira igikombe cye cya kawa hasi, aranyitegereza. Gene, urizera ko wari uhari, Leo. Aravuga ati: "Urabyizeye?"

Ndavuga nti: "N'umutima wanjye wose."

124 Aravuga ati: "Ijoro ryakeye, mpagaze mu materaniro yawe, Mwene Data Branham, nabonye ubwo burondozi. Sinigeze mbubona mbere ya Amerika, mu gihugu cyanjye." Yaravuze ati: "Aba Banyamerika ntibazi Bibiliya. Icyo bazi gusa ni idini ryabo. Ntibazi n'aho bahagaze." Yaravuze ati: "Ntacyo bazi." Aravuga ati: "Ariko igihe nari mpagaze hariya mw'ijoro ryakeye," ndavuga, "ndavuga . . . " Noneho, Mwene Data Gene, ibi ndabivugana icyubahiro n'urukundo n'ibindi. Aravuga ati: "Ndavuga nti: 'Uyu agomba kuba ari umuhanuzi.' Ariko iyo mbonye ko mwizera ko Data, Umwana n'Umwuka Wera atari imana eshatu, yari imiterere, hanyuma nkamenya ko uri umuhanuzi w'Imana, bitabaye ibyo ntibyari kuguhishurirwa gutyo." Aravuga ati: "Icyo ni ikimenyetso cyiza." Aravuga ati: "Sinigeze . . . " Aravuga ati: "Ntabwo uri Uwizera Imana imwe?"

125 Ndavuga nti: "Oya, mugenzi. Ntabwo ndi uwizera Imana imwe. Nizera ko Imana ishobora kuba Imana Ishobora byose, kandi imico itatu gusa ni imirimo itatu Imana imwe yabayemo."

126 Yaravuze ati: "Umutima wawe uhabwe umugisha!" Yaravuze ati: "Umunsi umwe uzamena amaraso yawe ku isi, ariko," ati: "buri gihe umuhanuzi apfa ku mpamvu zabo."

127 Maze ndavuga nti: "Reka bibe bityo, niba bishimishije Umwami wanjye." Ubuhinduzi bwa Bibiliya ya Lamsa.

128 Yoo, ni ukuri. Ni kangahe, nk'uko nabwiye iri torero, nk'uko Samweli yabivuze mbere y'uko bahitamo Sawuli, "Mbere y'uko usohoka ukajya mu idini runaka ubu, hanyuma ukihambira mu bwoko runaka bw'idini, kuki mutareka Umwuka Wera ngo abayobore?" Kuki mutafata Imana ngo ibabere Umuyobozi ngo mureke Ibahe umugisha, maze mukibagirwa ibirebana n'madini yanyu? Noneho, simvuze ko utagomba kuba mu itorero iryo ari ryo ryose, ahubwo ubarizwa mu ryo ushaka. Ibyo birakureba. Ariko ndababwira, nk'umuntu ku giti cye, urareka Umwuka Wera akakuyobora. Usoma Bibiliya. Kandi icyo Bibiliya ivuga ko ukwiye gukora, ukwiye kugikora. Imana iguhe umugisha.

129 Kandi ubu maze igihe kirekire ntegereje. Ndibaza niba hano hari umuntu ushaka kuza binyuze mu murongo w'amasengesho ngo asengerwe. Niba bahari, nibazamure ibiganza. Umwe, babiri

gusa, batatu. Ni byo. Mwebwe mwese muze hano muhagarare hano niba mubyifuza, muri iki gihe, kandi—kandi turaza kugira isengesho. Hanyuma turi . . . Sinshaka ko muhita mugenda. Ndashaka gukora ikindi kintu ku mugaragaro hano mbere gato y'uko dufunga.

130 Ni bangahe bakunda kwiga ku Gitabo cya Galeyadi . . . yewe, nashakaga kuvuga Abefeso? Noneho, kuwa Gatatu nijoro, tuzajya mu Bimenyetso. Hanyuma, ku Cyumweru gitaha mu gitondo, tuzashyira itorero mu mwanya waryo. Yoo, niba . . . birashoboka ko tuzabigeraho, kuri uyu wa Gatatu nijoro, kuri mwebwe bantu muri Jeffries. Gushyira itorero aho rigomba kuba, buri wese. Uko twahamagawe no guhindurwa abana. Imana yatugize abana, turi abana kubwo kuvuka. Twagizwe abana dushyirwa mu mwanya n'Umwuka Wera. Nimwitegereze! Bose bari Abaheburayo, ubwo bambukaga uruzi, ariko Yosuwa yabagabanyije igihugu, buri wese amugabira igihugu cye nk'uko nyina yabivuze ubwo yavukaga, aho Umwuka Wera yamubwiye.

131 Murebe Yakobo ubwo yari agiye gupfa, umuhanuzi, yarahumye, yazamuye ibirenge bye ari mu buriri, Aravuga ati: "Nimuze hano, bana ba Yakobo, maze mbabwire aho muzaba muri ku munsi w'imperuka." Icyubahiro ni icy'Imana! Yewe, ndabizi ko nshobora gusa kugaragara nk'udasanzwe. Abaturage bashobora gusa n'abadasanzwe. Ariko, yoo, iyaba mwari muzi gusa—icyizere, i—ikintwika mu mutima! "Nimuze mbabwire aho muzaba muri mu minsi y'imperuka." Kandi nshobora gufata icyo Cyanditswe kimwe, ngafata ikarita y'aho Abayahudi bicaye uyu munsi maze nkagaragaza ko bari ahantu hamwe Yakobo yavuze ko bazaba bari ku munsi w'imperuka. Kandi ntibigeze bahaba, ahongaho, ntibigeze baba aho hantu kugeza igihe bagarukiye kuva ku itariki ya karindwi Gicurasi 1946, ijoro Malayika w'Uwiteka yamboneraga hejuru ahongaho maze akambwira iby'ubu butumwa. Kandi nshobora kubereka ko, ubwo bagarukaga mu gihugu gishya, bicaye mu mwanya aho Yakobo yavuze ko bagombaga kwicara. Kandi ni ho bicaye uyu munsi. Yoo, yoo, mbega, yoo, mbega! Umunsi umwe tuzaba turi hafi y'urugo, birahagije.

132 Mwebwe bantu nkunda, murarwaye, cyangwa se ntimwaba muhagaze aho kubwo guhagarara gusa. Ndi mwene So. Mfite inshingano ziturutse ku Mana zo gusengera abarwayi. Ntabwo ari ibya . . . kuba mfite imbaraga zo gukiza abarwayi, ntabwo ari ibyange. Ahubwo mfite imbaraga z'amasengesho. Nk'uko nabivuze muri iki gitondo, Dawidi nta kindi yari afite uretse umuhumetso muto, ariko yaravuze ati: "Nzi icyo uzakora hamwe n'imbaraga z'Imana ziwuriho." Murabona? Mfite isengesho rito gusa ryo kugusabira, n'ibiganza byanye byo kukurambikaho, ariko nzi icyo kwizera Imana bizakora. Byakorewe abandi, nawe bizagukorerwa. Mubyizere ubu uko mugenda mutera intambwe, mwegereye gato aho hantu.

133 Noneho, ndibaza, kugira ngo ibi bigende neza cyane, niba ntasaba mwene Data kuza hano ngo abasige amavuta. Urabikora, mwene Data Neville? Ndabaza itorero niba uza kuba upfukamye mu masengesho.

134 Noneho mwibuke, icyumweru gishize ubwo nari ndwaye cyane n'ayo mavuta ya kera ya casitoro, Nari gutanga ikintu icyo ari cyo cyose iyo umuntu aza kuza aho ndi maze akandambikaho ibiganza. Iyo nza kugira umuntu uza aho ndi, uwo Imana yahaye umugisha ikamufasha, nari kubyishimira cyane. Mwese murabyumva nk'uko nanjye nabyumvaga icyo gihe. Murabyumva ko ubu mushaka ko nkora nk'uko nifuzaga ko umuntu yankorera icyo gihe. Imana indinde gukwepa akazi. Reka buri gihe, naba naniwe, aho nananiriwe, aho ntashobora kwimura ikirenge kimwe uvuye ku kindi, undeke ngende, kubera ko nzongera guhura na buri wese wo muri mwe, hakurya muri kiriya Gihugu.

135 Hanyuma mwebwe abakecuru, abagabo bakuze, mwacitse intege, umusatsi w'imvi urimo guhunguka, kandi ukagwa nk'ururabyo rwa roza rwafunguye indabyo zarwo nto, rugatakaza uturabyo twarwo tukagwa, murimo gucikamo ibice gusa, si byo se? Ni byo koko. Gusa . . . Kandi ikintu kimwe gusa mushaka kugumiramo hamwe ni ukumurika kubw'icyubahiro cy'Imana. Rero igihe umwanzi yagufashe maze akiruka, Nje mfite umuhumetso w'Imana, hamwe no kwizera, hamwe n'impano Imana yampaye. Dore icyo navuze, kugira ngo mubyumve. Naravuze nti: "Niba Petero yari aje ubu, cyangwa umwe muri bo." Ntimuvuge ibyo. Ntimugomba kunsengera. Injira gutya gusa, maze uvuge, nko kuri uyu mugore, uvuge uti: "Uri Mushiki wacu *Uyu-na-uyu*?" Izina ryawe ni irihe? Mushiki wacu Howard. Uvuge uti: "Uri Mushiki wacu Howard. Uri umwizera, Mushiki wacu Howard? Urizera. Uri umwizera. Noneho, urabona, ufite uburenganzira ku migisha yose yo gucungurwa." Hanyuma nkavuga nti: "Mushiki wacu Howard, byose bizaba byiza," hanyuma nkigendera. Oh, ukuntu . . . naravuze nti: "Navuza induru, nasakuza cyane." Navuga nti: "Mwami, bigomba kubaho. Bigomba kubaho."

136 Kandi naratekereje nti: "Noneho, abantu batekereza gutyo iyo nje kubasengera." Rero ni byo. Murabona icyo nshaka kuvuga?

137 Kandi narahagaze, inshuro nyinshi, mfata abantu, ndababwira nti: "Yoo, mushiki wacu w'igiciro, uraza kubyemera? Yoo, uraza kubyizera?" "Mwami, Mana, utume babyizera. Bashoboze kubyizera." "Ndabinginze, Murabyemera nonaha?" Si byo. Narabirenze. Natandukanye na byo.

Ndavuga ibi gusa nti: "Mushiki wacu Howard, uri umwizera?"

"Ni byo, ndi we."

138 “Ni byiza, Mushiki wacu Howard, niba uri umwizera, uri umuragwa w’ibyo Imana itunze byose.” Noneho mufate mu kiganza. Murabona, ndabyizera. Nabonanye na mushiki wacu Howard murambikaho ibiganza. Yesu ntiyigeze avuga ngo “mubasengere,” yaravuze ati: “mubarambikeho ibiganza gusa.” Ni byo, hanyuma arakira. Ashobora kuvuga ati: “Ibintu byose bizaba byiza,” Mushiki wacu Howard. Hanyuma ushobora gutaha ukamererwa neza. Imana iguhe umugisha.

139 Uri Mushiki wacu. . . [Mushiki wacu aravuga ati: “Hampton.”—Ubwanditsi.] Mushiki wacu Hampton, uri umwizera, si byo se? [“Ndi we.”] Uri umuragwa w’ibyo Yatanze byose. Imana ibane nawe, Mushiki wacu Hampton. Taha ukire nonaha. Yesu Kristo araza kugukiza.

140 Uri Mushiki wacu. . . [Mwene Data aravuga ati: “Slaughter.”—Ubwanditsi.] Slaughter. Ni. . . Ni wowe twasengeye mu bitaro. Uri umwizera w’ukuri, Mushiki wacu Slaughter, ukaba n’umuragwa w’ibyo byose dusaba. Mushiki wacu Slaughter, akira ibyo wasabye, kandi umererwe neza. Imana izabiguha.

141 Mwene Data Gene, wizera ko Imana iza kugukiza? [Mwene Data Gene aravuga ati: “Yego, mugenzi. Yego, mugenzi.”—Ubwanditsi.] Kandi Uwiteka Imana iguhe, Gene, ibyo usaba neza! . . . ? . . .

142 Ndakuzi. [Mushiki wacu aravuga—Ubwanditsi.] Uri umwizera, mushiki wanjye. Ndakuzi. Uriya uri hariya ni umugabo wawe. Ni we nasengeye kuri telefone wa munsi. Buri gihe ndabyibuka. Ntabwo yashoboraga kujya mu materaniro i Tulsa. Ngwino mu materaniro. Nuko Uwiteka aramukiza, amwohereza mu materaniro. Mu buryo bw’ibanga uhagarariye undi muntu. [“Mwishywa wanjye.”] Mbega ukuntu ari ikintu cya Gikristo, mushiki wanjye! Murabona? Yari ahagarariye undi muntu, Araduhagarariye twese. Uri umwizera kandi ufite uburenganzira kuri byose Imana yasezeranyije. Ndi umugaragu Wayo. Kandi mu Izina rya Yesu Kristo, ndaguha icyo usaba.

143 Ngwino, Mwene Data Neil. Imana iguhe umugisha. Byaba byiza cyane. Uri umwizera. Nzi ko uri we. Nizera ko Imana iza kuguha ibyo wasaba byose, kuko uri umwizera. Kandi nk’umugaragu Wayo, kuri wowe, mwene Data, mw’Izina rya Yesu Kristo, nguhaye icyifuzo cy’umutima wawe. Genda ucyakire. Imana iguhe umugisha.

144 Mushiki wacu Bruce, ndakuzi. Wa mumuforomokazi muto wankanze umugongo yari akuzi. Akomoka hariya hafi ya Motel JJ, Twin J, cyangwa ikindi kintu nk’icyo. Uzahagararira abandi. None se ni iki wifuza kuri So muri iri joro? [Mushiki wacu Bruce aravuga ati: “Ku bwanjye, iri joro.”—Ubwanditsi.] Ku bwawe, iri joro. [Mushiki wacu Bruce yongeye kuvuga.] Hanyuma, umwanzi yagusunikiye kure y’aho muganga atagera, ariko nje

ngukurikiye, n'intwaro yo kurasisha. Kandi mw'Izina rya Yesu Kristo, Nyobora umuhumetso, umwambi, a—akabuye kinjira mu mpyiko kagahagamamo. Bizakugarura ku Mana, mu nzu Yayo.

Twabigusabye, binyuze mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

145 Uri se w'uyu mugabo, mugenzi? Uri umwizera? [Mwene Data aravuga—Ubwanditsi.] Heriniya mu rubavu rwawe; hasi, mu rubavu rwawe rw'ibumoso. Wizera ko Imana iza kubiguha, mugenzi, nk'umugaragu Wayo?

146 Mwami, iki kiganza wenda cyakoze akazi kenshi ka buri munsi katoroshye. Ngwino hano ku bw'impamvu runaka, hari icyo gukora. Bimuhe, ibyifuzo by'umutima we, Data, nk'uko nsenga mw'Izina rya Yesu ko Uzabikora. Amina.

147 Ntugashidikanye. Iyo heriniya iraza guhagarika ububabare hariya hasi, kandi uraza kumererwa neza. Imana iguhe umugisha . . . ? . . .

148 [Mushiki wacu aravuga ati: "Bimbabaza umutwe n'umuhogo, bimbabaza imbavu iyo nkorora. Sinshobora kurirmba. Ntacyo nshobora gukora. Njyewe . . . ? . . . Kandi sinshobora gusinzira cyane. Nta n'icyo nshobora gukora."—Ubwanditsi.] Uri umwizera, si byo? ["Ndi we. Yuzuye Umwuka Wera."] Uri umwizera. ["Nzi ko Imana iri imbere muri wowe."] Kandi uri u—uri umuragwa kuri iyi migisha yose. ["Ndabizi. Kandi ndizera. Nizera amasengesho yawe, Mwene Data Branham. Nizeye ko Imana iza kunkiza. Nizeye ko Isubiza amasengesho yawe."] Urakoze.

149 Data, ndazana uyu mushiki wanjye mu murongo w'amasasu, hagati aho barasa ku ntego. Kandi ndamukugaruriye, muvanye mu maboko y'umwanzi, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

150 Ni bwo buryo bizagendamo.

151 [Mushiki wacu aravuga ati: ". . . ? . . . Mfite igihaha cyangiritse, ikindi ntikigikora."—Ubwanditsi.] Kubagwa kw'ibihaha.

152 Yoo Mwami, nk'uyu mugore ukiri muto uhagaze hano, nyamara ari mu myaka y'ubuto, ndamusengeye. Kandi igihaha cyagombaga gukurwamo, maze agapfa, ubuzima bwe bwose. Uri Data, kandi nohereje umuriro w'isengesho ndimwerekezaho, Mwami, kugeza no kuri icyo gihaha. Ntumye iri sengesho mu Izina rya Yesu Kristo. Rikore kuri icyo gihaha maze gikire. Mw'Izina rya Yesu Kristo, ni ko mbisabye. Amina.

153 Uri Mushiki wacu . . . [Mushiki wacu aravuga ati: "Mushiki wacu Purman."—Ubwanditsi.] Mushiki wanjye Gibbs. ["Inyuma ku mutwe wanjye, ndimo kubabara hano."] Inyuma ku mutwe wawe, ububabare bushwaratura. Uri umwizera n'umuragwa w'imigisha yose y'Imana, Mushiki wacu Gertie.

154 Mwami, muzanye kuri wowe, ndi kumwe n'iri tsinda rito wampaye, nk'uko wahaye Dawidi umuhumetso, kugira ngo

arinde intama za se. Kandi iyo umwanzi yabaga yinjiye mu ntama aziturutse inyuma, ntiyatinyaga. Yafataga umuhumetso muto maze agahita akurikira intare n—n'idubu, maze akazambura intama. Iri ni isengesho ry'ukwizera. Warambwiye ngo niba "nshobora gutuma abantu bizera kandi bakaba abanyakuri." Ngaruye mushiki wanjye Gert muri iri joro. Mukuye mu maboko y'umwanzi. Ni intama Yawe. Mugaruye mu maboko ya Data, mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

155 [Mushiki wacu aravuga ati: "Mushiki wacu Lowe."—Ubwanditsi.] Mushiki wacu Lowe. ["Mfite umuvuduko w'amaraso."] Umuvuduko w'amaraso. Kandi uri umwizera, si byo se, Mushiki wacu Lowe? Umuragwa w'imigisha yose.

156 Noneho, Mana Data, ngamije iri sengesho muri iri joro, nk'aho ndi mu gitereko cy'Imana, kubera umuvuduko ukabije w'amaraso wa mushiki wacu Lowe. Kandi ubutaha muganga azapima umuvuduko w'amaraso, amurebe maze avuge ati: "Ubu ni ibisanzwe." Azamenya neza icyabikoze. Mw'Izina rya Yesu Kristo, ndacyimuhaye. Amina.

157 [Mwene Data avugisha Branham—Ubwanditsi.] Yego. Nifuzaga ko data aba ari hano iri joro, nari kuzamura isengesho kubwe nonaha. Ndazamura n'iryanyu, namwe. Ndabyumva.

158 Data wo mu ijuru, umugabo wabyaye uyu muhungu, ari hano ku isi muri iri joro kubera we. Kandi umwana we yifuza ko se azagaruka; avuye kure cyane mu isi y'icyaha, ni umusinzi. Mwami, nohereje iri sengesho mfite ukwizera n'imbaraga, kandi hamwe n'ibyo nshoboye byose, aka kabuye gato, mw'Izina ry'Umwami Yesu. Ndakaboneza kuri iyo dayimoni yashyizeho icyo kintu cyafashe hariya. Nimusohokemo. Kandi amererwe neza, mw'Izina rya Yesu. Amina.

159 [Mwene Data umwe aravuga ati: "Munsengere, mwene Data Branham, kugira ngo mbone Umwuka Wera. Ndashaka kwakira Umwuka Wera. Ngomba. Mfite icyifuzo. Ngomba kwakira Umwuka Wera."] Ufite icyifuzo cyo Kuwakira. Urashaka kuza mu Gihugu aho amasezerano yose ari. ["Yego."]

160 None rero, Mwami, uyu muhungu ari hakurya y'uruzi, ashinze inkambi hakurya, kandi Yorodani irimo kuzura. Kandi nta buryo na bumwe ashobora kwambuka keretse utanze inzira nk'uko wabikoreye Yosuwa n'Abisirayeli. Kandi, Data, ndagusabye, nk'umugaragu Wawe, reka mwene Data w'igiciro, Yoo Mana, reka yinjire muri iki Gihugu cyasezeranijwe, aya masezerano. Ubwo, hakurya, nk'uko najyanywe mu ijoro ryakeye, Ngire amahirwe yo kumufata no kumupfumbatisha amaboko yanjye, muri kiriya Gihugu, mvuge nti: "Mwene Data w'igiciro." Bitwemerere, Mwami. Reka yakire amasezerano y'Imana, Umwuka Wera. Amina.

161 Mwami, kuri ibi, girira ubuntu mwene Data; Iki kiganza cyambereye cyiza, kandi cyankoreye ibintu byinshi,

ibitarondoreka. Arizera kandi afite ukwizera. Noneho umwanzi agerageza gufata iki, nshuti yanjye: isukari. Kandi atekereza ko ashobora—ashobora gufata uyu muhungu. Ariko nje inyuma ye. Ndaje, kugarura Abawe Bwite, Mwami, ntere iri buye mfite ukwizera kudashidikanya. Mu Izina rya Yesu Kristo ndarwanya iyo ndwara ya diyabete iterwa n'isukari!. . .?. . .mwene Data. Garura intama Zawe Bwite mu Rwuri, Data, mu Izina rya Yesu. Amina.

[Mushiki wacu Bell avugana na Mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

162 Yoo Mwami, mushiki wacu azi ko uku kubyibuha cyane ari ko, nk'uko muganga abivuga, ngo ni byo bikwica. "Buri kilo, umubyibuho ukabije, gufata ikiruhuko cy'umwaka," nk'uko kalendari y'ubwishingizi ibivuga. Kandi arashaka kubaho mu cyubahiro no guhimbaza Imana. Kandi nta muganga ushobora gukora ibi, Data Mana. Biri muri—mu biganza Byawe. Kandi Mushiki wacu Bell yabaye indahemuka cyane. Kandi yabaye umuntu mwiza wita ku bandi mu bigeragezo, anyuramo. Yanyuze mu bigeragezo byinshi bikomeye. Ndaje kubwe iri joro, Mwami. Nje guhurira n'uwo mwanzi hariya, kandi ngamije intego nziza cyane uko nshoboye kose. Mu Izina rya Yesu Kristo ndatera ibuye ry'ukwizera kuri uyu mwanzi wamufashe. Nirimufate, rimwirukane ajye kure ye, kandi azabasha gusubizwa mu rwuri rutoshye kandi rufite igicucu no ku mazi atuje, binyuze muri Yesu Kristo. Amina.

Bizaba, Mushiki wacu Bell. Wowe ntushidikanye gusa.

163 Mushiki wacu Spencer. [Mushiki wacu Spencer aravuga ati: "Mwene Data, Mwene Data Bill, nkunda Umwami cyane buri munsi uko mbayeho. Kandi nagiye nza hano mu myaka makumyabiri, aha hantu. Kandi nakize hafi y'ibintu byose byamereraga nabi. Urabyibuka byose, kandi. . .?. . ."—Ubwanditsi.] Ndabyibuka rwose, mushiki wanjye. . .?. . . ["Kandi yampaye umugisha mwinshi cyane! Kandi We ndamukunda cyane, buri munsi wose w'ubuzima bwanjye. Nzi ko mfite ubuzima bwiza mu Mwami."] Ibyo ndabyizera, Mushiki wacu Spencer. ["Ndishimye. Ndishimye! Niba uyu atari wo Mwuka Wera nakiriyee, ndi—ndacyari ku gicaniro kubera ibyo byose Yanteguriye, kandi nzapfira ku gicaniro."] Amina. ["Ni byo nshaka ko Akora kandi napfiriye ku gicaniro hamwe na Yesu."] AMINA. Imana iguhe umugisha. . .?. . .Amina. ["Kandi ngiye kubabwira icyo nshaka ko mukora. Murabizi, Nowa yajyanyeyo umuryango we wose hamwe nawe, kandi ndashaka umuryango wanjye wose. Murabizi ko nshaka abakunzi banjye."] Ndabyumva. Abana banyu. Ni byo. ["...?. . .abana banjye."] Yego, madamu. ["N'umugabo wanjye."] Yego, mugenzi, na. . . ["Nk'uko mubizi byose."] Yego. ["Mwaransengeye."]

164 Twese tuzi neza mushiki wacu Spencer, kandi nzi neza

ukuntu we na Mwene Data Jess bakomeje mu bihe bikomeye, ariko byabagejeje mu rusengero hano. Nindamuka ngeze hakurya, Ntibazaba bakigenda buhoro buhoro nka gutya. Bazaba ari abasore. Yoo! Mwene Data Jess, niba gusa . . . ? . . . murabizi. Hanyuma mwese murabizi ukuntu bimeze, hirya—hakurya neza gato . . . ? . . . kure, subira kuri uwo mukobwa mwiza, na Mwene Data Jess usubire kuri uwo muhungu muto. Imana yaragusezeranyije.

165 Noneho, reba. Ndashaka kuguha inyigisho ntoya, Kubera ko uri uwa nyuma uri hano, nshaka kuyiha.

166 Kubera ko, nzi ko uyu ari umuhungu wawe muto, Charlie. Ushaka ko tumusengera? [Mwene Data Charlie aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.]

167 Ndashaka kuvuga iki kintu kimwe. Ese wigeze usoma mu Byanditswe Byera aho Bibiliya ivuga ibi? Pawulo yabwiye Umusirikari w'Umuroma.

Muranyumva neza? [Iteraniro rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

168 Yabwiye Umuroma, ubwo yakuraga inkota ye, ngo yiyahure, i Filipi ubwo yari ari muri gereza. Nuko umutingito uhungabanya gereza. Aravuga ati: "Izere Umwami Yesu Kristo, kandi wowe n'abo mu nzu yawe mukizwe." Ibyo wigeze ubyumva? "Wowe n'abo mu nzu yawe." Noneho, murebe. Niba ufite ukwizera guhagije kugira ngo ukizwe, ese ntushobora no kugira ukwizera guhagije ku bw'urugo rwawe? Imana, mu buryo runaka, izabikora.

169 Kandi, Mwami, ndasengera Mushiki wacu Spencer na Mwene Data Spencer, muri iri joro, kugira ngo buri mwana, bo n'abana babo, bose bazabe mu Gihugu cyiza, igihugu cy'umunezero aho batazongera kurwara no gusaza, nta gahinda cyangwa gucika intege, kandi ubu buzima bwose bwa hano buzahinduka nk'inzozi mbi zihita. Niba ibi babyakiriye, kandi abana be bose, n'umugabo we, abo akunda, n'abamukunda bose, n'abo akunda bose, bazabe bari kumwe na we, mw'Izina rya Yesu. Amina.

170 [Mushiki wacu Spencer aravuga ati, "Amina. Urakoze."—Ubwanditsi.] Imana iguhe umugisha. ["Nzagira imyaka mirongo inani n'ibiri vuba aha."] Imyaka mirongo inani n'ibiri. [" . . . ? . . . Ariko bagenda basaza buhoro buhoro, kuri iyo myaka. Ariko ndacyabasha guteka, kumesa, no gutera ipasi, ndetse no gukoropa inzu."] Nk'uko isi irimo gusenyuka, Mushiki wacu Spencer. ["Yego, ni ko biri. Mba naniwe cyane, igihe cyose. Barabyumva . . . Nabajije mama wanjye, mukadata, wari ufite imyaka mirongo icyenda, uko umuntu yumva ameze iyo ageze mu za bukuru, kera cyane. Yarambwiye ati: 'Rose, wenda uzahora unaniwe igihe cyose.' Ndananiwe."] Urabyiteguye kujya kuruhuka, urabona. ["Ndananiwe cyane, igihe cyose.

Nkeneye kuruhuka. Ni byo ndabikeneye."] Yego, mama. ["Kandi ndashaka abandi basigaye mu Mwami, hasi ku mavi. Buri, ikintu cyose nkeneye."] Yego. Komeza kwizera kwawe muri We, Mushiki wacu Spencer, uzambuka. ["Ndashaka gupfira ku gicaniro, mw'Izina rya Yesu. Uwo ni we nifuza kubona, mu gihe akomeje Akomeje guhamagara."] Kandi yaravuze . . . ["Ndashaka ibyo Yampaye byose."] Kandi ntashidikanya na gato mu gihe mpagararanye nawe muri ubu buryo, muri iri joro, Mushiki wacu Spencer, kubw'ubuntu Bwe nzakubona wowe na Jess hakurya y'uruzi, mukiri bato kandi mufite ubuzima bwiza. Muzaba mwiruka mwese, muvuga cyane muti: "Mwene Data! Mwene Data!" Nzaba mbareba.

Imitsi ye.

171 Mana Data, uyu mukobwa yagize ikibazo cyo kubura ubushobozi bwo kwivuza, ntashobora kubona imiti. Ni we wenyine, nta bushobozi. Ariko nje kubera we iri joro. Nje kuri Wowe, Data. Ndaje, ngusaba kuyobora icyerekezo ngomba kurasamo. Reka rwose uhinduke zeru, umusatsi we ugwa ku mugongo we. Reka iri sengesho, mu Izina rya Yesu Kristo, rirandure uko kwiheba, rigushwanyaguze burundu, Garura iyi ntama yo mu rwuri rw'Imana. Amina.

Bigomba kuba nonaha, mukundwa.

172 [Mushiki wacu aravuga ati: "Senga gusa. Mfite abana batandatu nsaba Imana ngo ibakize indwara kandi ibacungure."—Ubwanditsi.]

173 Mana yo mu Ijuru, emera ko, abana be batandatu yifuza ko bakizwa bakizwe. Yumvise ubwo buhamya bwa mwene Data Daulton, abakobwa be bakundwa. Arifuza abana be batandatu, Data. Ese yababona. Ese bazamusanga muri icyo Gihugu kitabamo ijoro, barinzwe kandi bitaweho n'Amaraso ya Yesu Kristo. Amina.

Bagire, mushiki wanjye, ni ryo sengesho ryanjye.

[Mushiki wacu avugisha Mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

174 Ndakwizera. Nta kintu na kimwe, biragoye, gishobora kubihindura. Babaha utuntu duto dusa n'utundi, yoo, ikintu gisa na acetamine. Ni corutizone, nk'uko babyita. Ibyo, ibyo birakwica, vuba. Bishwanyaguza amaraso yawe gutyo. Ariko, murebe. Murabona, indwara ya rubagimpande imeze nk'intare yafashe intama igahungira kure. None se, umuhumetso uzakora iki? Yoo, mbega! Hano hari intare nini, itontoma cyane iri kumwe n'umwana w'intama. Kandi ikunda umwana w'intama, bityo irawirukankana. Ariko Dawidi yafashe umuhumetso arayikurikira. Murabona? Noneho murebe. Yari afite amabuye atanu: u-k-w-i-z-e-r-a, ubwe, m-u. Yari afite umuhumetso we wari muri *iki* kiganza: Y-e-s-u. Ni umuhanga udapfa guhusha intego. Hari ikintu kigomba gukorwa. Reka duhangane n'iyo

ndwara y'imitsi, muri iri joro, binyuze muri iri sengesho. Imana ibiguhe.

175 [Mushiki wacu avugisha Mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Ashaka kubatizwa mu Izina? ["Oya. Oya. Si byo yavuze."] Urashaka ko abatizwa. ["Ni ibyifuzo byanjye kuba yabatizwa."] Urakoze, mushiki wanjye. Ntabwo ari uko iyo ari yo nzira. Ntabwo ari ukubera ko njye. . . Niba ibyo biri muri Bibiliya, kuri, "Data, Umwana, n'Umwuka Wera," Na—nabyizera, nakomeza kubikora, mushiki wanjye. Njye—njyewe sinakwifuza kuba umuntu uhindagurika. Ni—nifuza kuba wawundi. Sinabireka. . . Nza—nzabibazwa, murabona. Kandi ngomba kubivuga uko Imana ibivuga; ntabwo ari ukugira ngo mvuge ibitandukanye, ahubwo ni ukugira ngo mbashe kuba inyangamugayo.

176 Noneho, Data, turaje kubw'abakunzi be iyo ni rubagimpande, kandi hano ashaka ko abatizwa mw'Izina ry'Umwami Yesu, kubera ko ari ryo rembo ryo kwinjiriramo. Ni irembo rikinguye. Aho ni ho Yoshuwa yafunguye inzira imwe mu gihugu cyasezeranijwe. Nta hantu habiri cyangwa hatatu hari hafunguwe; hari hamwe gusa.

177 Petero, ku munsi wa Pentekote, igihe itorero rya mbere ryatangizwaga bwa mbere, ryafunguye inzira, yaravuze ati: "Nimwihane buri wese muri mwe kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo." Ntabwo bigeze batandukana n'iyo nzira imwe, buri wese yayinyuzemo yambuka ajya mu gihugu cy'isezerano.

178 Bamwe muri bo bageragezaga kwambuka, bamanuka bajya ku cyambu cy'undi mugezi, Pawulo arababwira ati: "Mwabatijwe mu batizo ki? Ni hehe muri kugerageza kwambukira?"

Maze baravuga bati: "Hepfo aha aho Yohana yarebaga."

179 Aravuga ati: "Noneho, Yohana yerekanye gusa igihe n'aho hantu." Hanyuma bumvise ibyo, babatirizwa aho bambukira hakwiriye. Barambuka, bahabwa umuzabibu w'Umwuka Wera.

180 Bitwemerere kubwa mushiki wacu n'abo akunda mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

181 Mwene Data Cauble. [Mwene Data Gods agira ati: "Nizera ko uri umuyobozi nyawe, Mwene Data Branham."—Ubwanditsi.] Yoo, mwene Data! ["Yarazamutse. . .?. . . Muribuka niba hari mu nzozi, hari ikintu. . .?. . . Iyo uvuze inzozi, nta kibazo. Izi ni zo nagize. Wahoraga urota neza!. . .?. . . "] Yego. Icyo ni igihe gito. ["Yego."] Yego. Nishimiye ko iyerekwa ryaba. . .?. . . Ryarangiye? ["Yego, ryarangiye."] Imana iguhe umugisha. Ubu uri mu nzira igana mu gihugu cy'isezerano! Wenda ndabivugaho.

182 Ni bangahe bibuka mbere gato y'uko ubu butumwa bwemezwa kuri njye, kandi umunsi umwe ndimo kuroba hamwe n'umugabo, tugeze ku ruzi, ku kiyaga? Kandi nari ndimo gufata

amafi make, Umwuka Wera yarangendereye. Hariho u . . . Uyu mugabo ni Umuhamya w'Abayehova, yari we. Mwene Data umwe uri hano, Banks Wood. Ari hano ahantu runaka, uwo ni umuturanyi wanjye.

183 Uyu ni Lyle. Kandi aba bantu ni Abahamya ba Yehova. Baravuze ngo, umunsi umwe ubwo twari turimo kuroba hariya, nyuma y'uko uyu muhungu ahindukiriye idini, Namubwiye ko hari ikintu cyahindutse mu buzima bwe, n'ibyabaye—ibyabaye, n'ibindi byose bijyanye na byo. Ibyo, amaze kubimbwira, kandi abikuye mu buzima bwe, ni byo, uko byari bimeze kose. Ni byo rwose. Se na we ni umwe wari u—umusomyi. Ese uri kumwe na papa uyu munsi? [Mwene Data aravuga ati: "Simbizi."—Ubwanditsi.] Kandi we n'umugore we, bombi, barabatijwe, kuba abahamya mw'Izina rya Yesu Kristo, hano muri pisine. Uyu mugabo yari yicaye iruhande rwanjye, umunsi umwe.

184 Banks, uri he? Ari hano iri joro? [Mwene Data aravuga ati: "Inyuma hariya mu mfuruka."—Ubwanditsi.] Inyuma mu mfuruka. Yego.

185 Kandi twari turimo kuroba. Na, mwene Data, umuhungu wanjye muto yari yishe . . . Natekereje ko yishe akabwana k'injangwe iminsi mike mbere yaho. Ako kajangwe gato gashaje kabwaguye kari gafite itsinda ry'utubwana twinshi, nuko arakazana akarambika aho. Maze ndatekereza . . . Maze ndavuga nti: "Umwami agiye kuzura ubuzima buto," umunsi umwe mbere yaho. Si byo, Lyle? [Mwene Data Lyle Wood aravuga ati: "Ni byo."—Ubwanditsi.] Yari yicaye mu gipangu. Ndavuga nti: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Twarobye ijoro ryose ariko nta kintu twafashe.

186 Mu gitondo cyakurikiyeho, twari turimo kuroba, mu kibaya gito, amafi yo mu bwoko bwa bulujili. Ayo ni amafi mato. Kandi Mwene Data Lyle yari afite igiti kinini, maze arareka agafi gato ka bulugili kararumira, urushundura runini yari afite, kugeza ubwo, ubwo yagakuragamo, ka gasinga gato kari kinjiyemo cyane, ndetse n'urudodo runini, mu nda y'ako gafi gato ka bulujili. Kandi ubwo yagakuragamo, yagombaga gukurura amara n'ibindi byose muri ako gafi gato ka bulugili, kugira ngo agafate. Maze arabikurura byose, kuko urushundura runini rwari rwafatiwe mu nda y'ako gafi. Akimara kubikora, yakajugunye mu mazi. Nuko karatitira gusa, inshuro enye cyangwa eshanu, ni ko byagenze, kuko amara n'impyiko zako byari birimo gusohokera mu kanwa. Maze karareremba ahongaho mu gihe cy'igice cy'isaha, karareremba kagera mu bihuru.

187 Nari nicaye ahongaho, ndimo kuroba. Maze mu buryo butunguranye, Umwuka Wera araza, aravuga ati: "Vugana n'ako gafi."

188 Naravuze nti: "Wa gafi gato we, Yesu Kristo yongeye kuguha ubuzima bwawe." Nuko ako gafi gato, kari karyamye kapfuye kareremba hejuru y'amazi, gahindukirira ku rundi ruhande, maze karasohoka kihuta cyane, kajya mu mazi, kihuta cyane uko kashoboraga kugenda.

189 Mwene Data Lyle na mwene Data Wood bari bahagaze aho. Mwene Data Lyle aravuga ati: "Mwene Data Branham, ibyo hari icyo byari bivuze kuri njye, kuko nabwiye umwana muto . . . "

190 Iri joro, nshobora kubabwira ibyo wavuze? [Mwene Data Woods aravuga ati: "Urabizi neza. Ni byiza, mwene Data Branham."—Ubwanditsi.]

191 Aravuga ngo, ubwo yagakuragamo amara, yakajugunye hanze hariya, aravuga ati: "Watakaje amahirwe yawe ya nyuma wa gasore we," gutyo gusa. yakajugunye hanze.

Aravuga ati: "Bya—ni jye byavugaga."

Nanjye ndavuga nti: "Oya, Mwene Data Lyle. Ntabwo ari wowe."

192 Mwene Data Banks inyuma hariya, aravuga ati: "Ni abantu bangahe muri iyi si, ni ibihumbi bingahe, bifuza kuba bahagaze aho duhagaze ubungubu, kubona imbaraga z'Imana zimanuka zikajya gukora ikintu nk'icyo!" Mu yandi magambo, nk'uko . . .

193 Nizera ko twese twumvise tumeze nka Petero, "Ni byiza kuba turi hano. Reka twubake ingando eshatu." Murareba? Ni byo.

194 Noneho, mwene Data Osbo, wasizwe n'Umwuka Wera. Wavuye muri Egiputa. Inkono z'intungurusumu n'umwanda w'isi wabisize inyuma. Uhagaze ku nkombe ya Yorodani ubu, hakurya gato. Imana igufashe, Lyle.

195 Mana Ishoborabyose, dore igikombe Cyawe. Yari mu bihe bikomeye cyane, Mwami, ariko umutima wanjye waramukunze. Amasengesho yacu amaze gutanga igisubizo gikomeye cyane kandi gitangaje hariya, kandi ikintu cyari cyamufashe cyamuvuyemo. Byarasenyutse. Ubu arimo kugenda yerekeza kuri Yorodani. Mujyane mu gihugu cy'isezerano, Mwami. Kandi umushyireho ikimenyetso hagati mu bantu. Ibyo, kuri uriya Munsi w'icyubahiro niduhurira hariya, ese nshobora kumva amaboko ye ampobera, akarangurura ati: "Mwene Data nkunda cyane!" "Ndamuzi." Uzazane na Banks, Mwami, si byo se? Papa na mama, n'abandi bose, mushiki wacu, n'uwo muryango ukomeye wose, twese duhurireyo, Mwami, kandi buri wese muri bo yuzure Umwuka Wera. Ndasenze mw'Izina rya Yesu. Amina.

Uraza kubyemera, mwene Data. Imana iguhe umugisha, mwene Data Lyle.

196 [Umuntu aravuga ati: "Mwene Data?"—Ubwanditsi.] Yego, mwene Data. ["Hano hari intera ndende, urupfu, rutegerereje ku marembo."]

197 Hari umuntu ugiye gupfa, agiye guhamagarwa kure. Kandi ndaza gusubiza umurimo Mwene Data Neville ngo akomeze ayobore iyo gahunda.

198 [Mwene Data Neville aravuga ati: "Umunsi ukomeye kandi uhebuje mu Mwami! Imana yadukoreye ibintu byiza uyu munsi. Ibyo niteze byose byagezweho.]

["Mureke twese hamwe duhagarare, ku birenge byacu.]

199 ["Mwibuke iteraniro ryo, kuwa gatatu nijoro. Mukomeze gusenga cyane. Imitima yose itanyuzwe, kandi ifite amakenga, ikomeze kugirana imishyikirano n'Imana. 'Igihe kiregereje. Ubu ni cyo igihe. Uyu munsi ni umunsi w'agakiza.']

200 ["Imana ihe umugisha buri wese muri mwebwe bashyitsi, mwebwe abantu baturutse kure. Isengesho ryacu ni uko Imana ibagirira imbabazi mu rugendo rwanyu, musubira aho mutuye. Nishimiye kuba mwarabanye natwe. Kandi mudusabire uko mugenda, kugira ngo natwe, Uwiteka aduhe umugisha muri aka gace.]

201 ["Data wa twese wo mu Ijuru, nk'uko umugaragu Wawe yaje iri joro, gukora akazi k'umugaragu n'umuhanuzi Wawe, ahagazemo hagati, aziba icyuho, atunganya uruzitiro, aje kuri twe afite ishyaka ryinshi ry'umugaragu Wawe, nk'uko yabatijwe n'Umwuka Wera, agahabwa imirimo y'umuhanuzi, kugira ngo avuge muri iki gisekuru. Dufashe uyu munsi n'uyu mugoroba, kwakira Ubutumwa atugezaho, Mwami, impuguro, zo kwitegura.]

202 ["Ha umugisha buri wese usohoka mu marembo y'iyi nyubako muri iri joro. Indwara zirimo kutwibasira, nta cyo tuzi kuri zo, Ubuntu Bwawe n'imbaraga Zawe butwimane, buturinde kandi budukize indwara, kandi butugumane, kugeza icyo gihe ubwo Uzaba witeguye kutwimurira hakurya. Ha umugisha abacitse intege n'abatengushywe, abatinya, n'abanyantege nke.]

203 ["Mana, turasenga muri iri joro kugira ngo dusurwe by'umwihariko, umugisha w'Umwuka Wera, kugira ngo uruhukire kuri buri mugenzi, buri musuhuke, buri munyamahanga uri mu marembo yacu. Buri wese usohotse mu muryango iri joro, icyo gitwikirizo cy'Amaraso, cyavuye ku musaraba w'i Kaluvari, kidutwikire bihagije kandi kiduhe ibyo dukeneye.]

204 ["Dukize mu gihe turwaye. Udukize ku bw'imbaraga Zawe zikomeye. Udusige amavuta kugira ngo tugukorere. Tugendere mu rukundo, imbere Yawe, iminsi yose y'ubuzima bwacu. Kandi tuzagushimira kubw'ibyo, kuko tubisabye mw'Izina rya Yesu Kristo no kubw'ubushake Bwe. Amina.]

205 ["Kandi Imana ibahe umugisha. Kandi twishimiye kubana namwe. Duhane ibiganza umwe ku wundi."—Ubwanditsi.]

206 Mu by'ukuri mbashimiye cyane ibyo mwankoreye byose, ikarita na . . . ? . . . Yego, mugenzi. Ndagushimiye cyane . . . ? . . .

207 Rero twohereje ibuye ryo kwizera . . . ? . . . Hari umugabo waturutse hafi hano . . . ? . . . None nohereje isengesho nyuma ye, mu Izina rya Yesu Kristo. Yamaze isaha yose aryamye aho, umutima udatera, nta guhumeka, nta kintu na kimwe. Nta guhumeka, umutima udatera, cyangwa kuzamura umwuka, nta kintu na kimwe; amaso yasubiye mu mutwe, yashyizwe ku ruhimbi. [Mwene Data Neville aravuga ati: "Yamusize aryamye aho kugeza igihe iryo sengesho ryaziye."—Ubwanditsi.]

208 *Ibi* biracyafunguye? [Mwene Data Neville aravuga ati: "Yego, biracyakomeje."—Ubwanditsi.]

209 Ese ushobora kunyumva? Hejuru cyane, umuvugabutumwa ukiri muto, umubwiriza, wa hano muri Indiana, yari arimo kubwiriza, arambitse ku ruhimbi yapfuye, hashize nk'isaha imwe. Ubwo yari arimo kubwiriza, yituye hasi, maze apfira ku ruhimbi, umuvugabutumwa wemewe, arimo kubwiriza hano muri Indiana. Pasiteri aherutse kuza arampamagara. Yapfuye ubwo yabwirizaga ari munsi yo gusigwa kw'Umwuka, yitura hasi, arerembura amaso, ashiramo umwuka. Batangaje ko yapfuye, amaze isaha yose aryamye. Hari ikintu cyababwiye ngo bahamagare itorero maze basabe ko nsenga. Ni uko nohereje isengesho ryo kumugarura, mu Izina ry'Umwami Yesu. Mureke duhurize hamwe mu kwizera, kugira ngo ritazahusha intego, rimuhumurize kandi rimugarure. Murakoze.

210 Imana ibane namwe, kugeza igihe nongeye kubabona kuwa gatatu nijoro. Mwebwe abantu bo muri Jeworujiya no hafi aha, murabeho. Imana ibane namwe.

211 Mwene Data Pat . . . ? . . .

60-0515E Kugirwa Umwana #1
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org